# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-38 | TARIKI 11 - 17 UGUSHYINGO 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA | TEL: +250 785 474 045 | E-mail: info@rpc.rw




AMAKURU



Perezida Kagame yerekanye ko AI yitezweho kongera 5% kuri GDP y'u Rwanda

2

AMAKURU



Madamu Jeannette Kagame yashimye Kepler College kwimakaza uburezi budaheza

6

AMAKURU



Ibibazo bya moto za Spiro byinjiwemo na Leta

6

MUNTARA



Karongi: 21 biyise 'Abatahajuru' bafatiwe mu rugo rw'umuturage basenga bitemewe

17

# U Rwanda rwakiriye neza amasezerano y'amahoro ya Doha




**Guverinoma y'u Rwanda yakiriye neza isinywa ry'amasezerano ya Doha hagati ya RDC na AFC/M23**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Rwanda yakiriye neza isinywa ry'amasezerano ya Doha yo gushyiraho ingingo ngenderwaho z'amasezerano arambye y'amahoro, hagati ya Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) n'Ihuriro AFC/M23, ryabaye ku wa Gatandatu tariki ya 15 Ugushyingo 2025.***

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane y'u Rwanda, yatangaje ko iyo ntambwe ikomeye mu rugendo rwo gukemura burundu impamvu shingiro z'ibibazo by'umutekano muke mu burasirazuba bwa Congo, ndetse n'imbogamizi ku mahoro mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Mu butumwa bwatanzwe nyuma y'isinywa ry'amasezerano, iyo Minisiteri yagize iti: "U Rwanda rurashima uruhare rukomeye kandi ruhoraho rwa Leta ya Qatar nk'umuhuza, n'uruhare rwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika ndetse n'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe."

Ibiganiro by'amahoro bya Doha byitezweho kuba imbarutso yo gukemura burundu ibibazo by'umutekano muke bimaze imyaka myinshi mu Burasirazuba bwa Congo, bigira ingaruka zikomeye

KOMEZA KU RUP.3

# Abasoje kaminuza muri AUCA basabwe umusanzu mu Cyerekezo 2050

**KAMALIZA Agnes**

***Abanyeshuri 726 basoje amasomo muri Kaminuza y'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi muri Afurika yo Hagati (AUCA), basabwe kugira uruhare mu kubaka Igihugu no kugifasha kugera ku ntego za gahunda ya Kabiri ya Guverinoma yo Kwihutisha Iterambere (NST2) no kugera ku Cyerekezo 2050.***

Ni ubutumwa bahawe kuri iki Cyumweru, ubwo bahabwaga Impamyabumenyi z'ibyiciro bitandukanye basoje birimo Uburezi, Ikoranabuhanga, Siyansi, Ibaruramari, Icungamutungo, Ubuforomo n'andi mashami atandukanye.

Umuyobozi w'Inama Nkuru y'Amashuri Makuru na Kaminuza (HEC) Dr. Edward Kadozi, yashimye abarangije amasomo, ishuri ryabareze n'ababyeyi babafashije,

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Perezida Kagame yerekanye ko AI yitezweho kongera 5% kuri GDP y'u Rwanda



Perezida Kagame yerekanye ko AI yitezweho kuzamura ubukungu

ZIGAMA Theoneste

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, yavuze ko ubwenge Muntu Buhangano (AI) buzagira uruhare rukomeye mu iterambere ry'ubukungu bw'u Rwanda, aho biteganyijwe ko buzongera ku musaruro mbumbe w'igihugu (GDP) 5% mu gihe cya vuba.***

Yabivugiye i Conakry, muri Guinée, aho yifatanyije na Perezida w'icyo gihugu, Gen Mamadi Doumbouya mu muhango wo gutangiza Inama Mpuzamahanga yo guteza imbere ikoranabuhanga, Transform Africa Summit 2025 (TAS2025).

Ni inama ihuriza hamwe abayobozi b'ibihugu, inzobere mu ikoranabuhanga n'abashoramari bo ku mugabane wa Afurika.

Perezida Kagame yavuze ko hashize imyaka irenga icumi hatangijwe iyi nama bwa mbere i Kigali, mu gihe impinduramatwara mu ikoranabuhanga yatangijwe ku Isi hose, ashimangira ko icyo gihe u Rwanda rwabonye amahirwe yo kubaka urwego rw'ikoranabuhanga rukomeye.

Yagize ati: "Amahirwe yari imbere yacu yari gushora imari mu miyoboro ya interineti no gukoresha ihuzabikorwa nk'inkingi y'iterambere.

Imihigo twiyemeje ubwo twatangiraga uru rugendo iracyubahirizwa, kandi ku bufatanye n'abafatanyabikorwa bacu, turi kugenda tugera ku ntambwe ishimishije,"

Yongeyeho ko Isi y'ubu irimo kugenda ihinduka ku muvuduko udasanzwe bitewe n'iterambere ry'ikoranabuhanga rihanitse, by'umwihariko ubwenge bwa AI, ari na bwo insanganyamatsiko y'uyu mwaka yagarutseho.

Yagize ati: "Ku mugabane wa Afurika, intsinzi ntizaterwa gusa n'uburyo bwihuse tuzakira iri koranabuhanga, ahubwo no ku bibazo tuzahitamo kurikemuza. Ibyo bihuje n'ukuri kwacu n'ibikenewe mu iterambere ryacu ni byo bizazana inyungu nyinshi mu bushobozi bw'abaturage bacu."

Ku Rwanda by'umwihariko, ubwenge bwa AI biteganyijwe ko buzongera ku musaruro mbumbe w'igihugu (GDP) ku kigero cya 5%."

Perezida Kagame yasobanuye ko mu Rwanda, AI izaba isoko y'udushya n'ubumenyi bushya mu nzego zitandukanye zirimo ubuvuzi, uburezi, ubuhinzi, n'izindi zigamije guteza imbere imibereho y'abaturage.

Yagaragaje kandi ko u Rwanda rukomeje gushyira imbere ishoramari mu miyoboro y'ikoranabuhanga (broadband), ari na rwo rufunguzo rwo kwihutisha impinduka mu bukungu no kwagura amahirwe y'iterambere kuri buri wese.

Transform Africa Summit 2025 ni urubuga rutanga amahirwe yo kungurana ibitekerezo biganisha ku bukungu muri Afurika.

Hatangwa ibitekerezo no guhuza imbaraga mu guhindura Afurika binyuze mu ikoranabuhanga rigezweho, aho ibihugu bihuriza hamwe gahunda zifite intego yo kwihutisha impinduka zishingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga.

KAYITARE Jean Paul

# Madamu Jeannette Kagame yakiriye Madamu Chebet Ruto mu biro bya Imbuto Foundation

***Madamu Rachel Chebet Ruto, uri mu ruzinduko rw'akazi mu Rwanda, yakiriwe na Madamu Jeannette Kagame mu biro bya Imbuto Foundation.***

Yamwakiriye ku wa Gatanu tariki 14 Ugushyingo 2025. Rachel Chebet Ruto, umugore wa Perezida wa Kenya, William Ruto, yasobanuriwe na Madamu Jeannette Kagame imikorere ya Imbuto Foundation; mu nzego z'ubuzima, uburezi no kubaka ubushobozi bw'abagore n'abakobwa.

Rachel Ruto yanatemberejwe mu Irerero 'Eza-Urugwiro ECD Centre' riherereye muri Perezidansi y'u Rwanda.

Nyuma yaho yasuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali. Mu butumwa yatanze yifashishije urubuga rwe rwa X, Madamu Chebet Ruto, yavuze ko kubana mu mahoro ari wo musingi ibihugu bikomeye byubakiyeho.

Yakomeje agira ati: "Bitwibutsa icyubahiro dukwiye guha ubuzima bwa muntu twese dusangiye, kutitandukanya n'isano dufitanye, no gukomeza gukora kugira ngo ejo hazaza habe ah'ituze n'ubusabane kuri buri muryango."

Madamu Chebet Ruto yavuze ko urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali rwibutsa inshingano abantu bose zo kurinda amahoro n'ubumuntu.

Madamu Jeannette Kagame ashimirwa ko binyuze mu Muryango Imbuto Foundation yashinze, yagize uruhare rukomeye mu guharanira ko abana b'abakobwa bagira uburenganzira mu kwiga nk'ubwa basaza babo, bikajyana no guhemba abakobwa b'indashyikirwa mu bizamini bya Leta ndetse mu myaka irenga 20, abagera ku 8 000 bamaze guhembwa.

Yaharaniye guteza imbere udushya mu rwego rw'ubuzima bw'imyororokere, ndetse no gushaka ibisubizo bigamije gufasha urubyiruko cyane cyane abangavu kwirinda inda zitateguwe no kurushaho kubungabunga ubuzima bwabo bakingirwa kanseri y'inkondo y'umura.

Ashimirwa kandi kugira ubuyobozi bufite icyerekezo bugamije gutuma urubyiruko (Ingimbi n'Abangavu) rutera imbere, ubudaheranwa ndetse no kubyaza umusaruro amahirwe ruhabwa. Ibi bigaragaza uruhare abandi badamu b'Abakuru b'ibihugu bakwiye kugira mu bikorwa bigamije guhindura imibereho.

Madamu Jeannette Kagame ni we washinze Umuryango wa Imbuto Foundation mu 2001. Ntabwo watangiranye iryo zina kuko mbere witwaga PACFA (Protection and Care of Families against HIV/AIDS), wita ku kurwanya icyorezo cya Sida no kugarurira icyizere ababana n'ubwandu bwa virusi itera Sida.



Madamu Jeannette Kagame yakiriye Madamu Chebet Ruto wa Perezida wa Kenya mu biro bya Imbuto Foundation

PACFA yaje kwaguka ndetse mu 2007 iza guhindurirwa izina yitwa Imbuto Foundation kugira ngo herekanwe uko yagiye itera imbere mu bikorwa n'inzego zitandukanye z'ubuzima, uburezi, kongerera ubumenyi urubyiruko no kwihaza mu bukungu ku miryango itishoboye.





IBIKURIKIRA URUP.1

abibutsa ko ari intangiriro y'urugendo rushya, izagaragaza ubumenyi bavomye mu ishuri.

Yababwiye ko nubwo basoje kwiga bazahura n'ibibagora ariko bakwiye kuzabikuramo amahirwe bakwiye kuzabyaza umusaruro bagafasha Igihugu kugera ku ntego cyihaye mu Cyerekezo 2050.

Ati: "Muje mu Isi irimo ibizazane ariko nanone yuzuye amahirwe ategereje ibitekerezo byanyu, umuhate, n'umuhamaagaro. Muje mu gihe u Rwanda rukeneye abakiri bato kandi bashoboye kugeza Igihugu mu Cyerekezo 2050."

Gahunda y'Icyerekezo 2050 yatangijwe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame mu kwezi k'Ukuboza 2020, isimbura iy'Icyerekezo 2020.

Iyo gahunda nshya iteganya ko bitarenze mu 2035 umuturage w'u Rwanda agomba kuba yinjiza nibura amadolari ya Amerika 4 036 ku mwaka ni ukuvuga miliyoni hafi 6 z'amafaranga y'u Rwanda ku mwaka.

Nanone kandi iyo gahunda inateganya ko u Rwanda ruzaba ruri mu bihugu byateye imbere mu 2050, aho umuturage

# Abasoje kaminuza muri AUCA basabwe umusanzu mu Cyerekezo 2050



Umuyobozi w'Inama Nkuru y'Amashuri Makuru na Kaminuza (HEC), Dr. Edward Kadozi, yashimye abarangije amasomo muri AUCA

w'u Rwanda azaba yinjiza amadolari ya Amerika 12 476 ku mwaka.

Perezida Kagame yavuze ko Icyerekezo 2050 kijyanye no kubaka ahazaza Abanyarwanda bihitiyemo.

Dr. Kadozi yagaragaje ko Igihugu gikataje mu kubaka ubukungu bushingiye ku bumenyi kandi buyobowe n'ikoranabuhanga, guhanga udushya, ubushakashatsi, ubumenyi, no guhangana ku isoko ry'umurimo, ibyo cyiteze ku basoje amasomo kuzaba bari ku ruhembe rw'imbere mu kuzatuma ibyo bishoboka.

Yagize ati: "Ni mwe Igihugu gifite, kirabategereje kandi dutegereje umusanzu wanyu mu iterambere."

Yifashishije umurongo muri Bibiliya, Dr. Kadozi yakomeje agira ati: "Imana yadukoreye ibikomeye natwe turishimye."

Yaboneyeho kwibutsa abasoje amasomo ko atari umuhango gusa ahubwo ari intangiriro y'urugendo rushya aho ubumenyi, ikinyabupfura, n'indangagaciro bavomye muri AUCA ari byo bizabayobora.

Yagaragaje ko abasoreje muri AUCA mu bihe bitandukanye bagize uruhare mu iterambere no kubaka Igihugu mu nzego zitandukanye, haba mu bukungu, mu nzego z'abikorera, muri Leta n'ahandi.

Ni ku nshuro ya 31 AUCA ishyize ku isoko ry'umurimo abaminuje mu mashami atandukanye, kuri iyi nshuro hakaba harimo abaturuka mu bihugu birenga 20 byo hirya no hino muri Afurika.



Abanyeshuri basoje amasomo basabwe kugira uruhare mu kwihutisha ibikubiye muri NST2

# U Rwanda rwakiriye neza amasezerano y'amahoro ya Doha

IBIKURIKIRA URUP.1

ku bihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari birimo n'u Rwanda.

Benjamin Mbonimpa wari umwe mu bahagarariye AFC/M23 mu isinywa ry'ayo masezerano, yavuze ko agizwe n'ingingo umunani zitanga icyerekezo cyo gukemura impamvu shingiro z'ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Congo.

Benjamin Mbonimpa yagize ati: "Abaturage bacu rero bakwiye kwihangana mu gihe urugendo rwo kugera ku mahoro arambye rukomeje."

Gusa nyuma y'isinywa




Guverinoma y'u Rwanda yakiriye neza isinywa ry'amasezerano ya Doha

ry'amasezerano, ubuyobozi bwa AFC/M23 bwatangaje ko Leta ya RDC yasinye amasezerano ariko ikaba ikomeje kuyarengaho.

Umuvugizi wa AFC/M23, Lawrence Kanyuka, yavuze ko nyuma y'umwanya muto amasezerano ashyizweho umukono, Kinshasa yatangiye kurenga ku byo yemeje kuko imitwe bafatanya mu kurwanya AFC M23 yarimo igaba ibitero.

Mu mitwe ifatanya n'ingabo za RDC kugaba ibitero harimo n'uw'iterabwoba wa FDLR washinzwe n'Abanyarwanda basize bahekuye igihugu cyabo muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Uwo mutwe ni wo watumye u Rwanda rufata Ingamba z'ubwirinzi ku mipaka yarwo, ari na zo zatumye rujya mu biganiro na Guverinoma ya RDC byavuyemo isinywa ry'amasezerano y'amahoro muri Kamena 2025.

Uretse amasezerano yasinywe ku wa Gatandatu, ku wa 19 Nyakanga na bwo RDC na AFC/M23 na bwo byari byashyize umukono ku yandi masezerano y'amahame yabaye umusingi w'ibiganiro byagutse bizageza ku masezerano ya burundu.

Gusa impuguke mu bya Politiki zisanga ibitero bikomeje kugabwa ku basivili na Guverinoma n'abambari bayo bishobora kubangamira urugendo rw'amahoro rwatangiye.

Ku wa 14 Ukwakira 2025, impande zombi zari zasinye amasezerano yo guhosha imirwano, ariko mu minsi irindwi gusa ayo masezerano yari yarenzweho kuko indege nto zitagira abapilote zifashishijwe mu gusenya imidugudu yo muri Mikenke.



Hasinywe amasezerano 9 y'imikoranire hagati y'u Rwanda na Djibouti

# U Rwanda na Djibouti byasinyanye amasezerano 9 y'imikoranire

**NYIRANEZA Judith**

***URwanda na Djibouti byasinyanye amasezerano, 9 arimo 5 y'ubufatanye hagamijwe kurushaho gushimangira ubutwererane no gutsura umubano.***

Ni amasezerano yasinywe kuri uyu wa 13 Ugushyingo, ubwo Amb Nduhungirehe yitabiriye inama ya 2 ya Komisiyo ihuriweho na Minisiteri z'Ububanyi n'Amahanga z'u Rwanda na Djibouti.

Ni amasezerano yashyizweho umukono na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Rwanda, Amb Nduhungirehe Olivier na Minisititri w'Ububanyi n'Amahanga wa Djibouti, Abdoulkader Houssein Omar.

Impande zombi zasinyanye amasezerano icyenda y'imikoranire mu nzego zirimo Siporo, ubuzima no guteza imbere umuryango.

Inama ihuza kKomisiyo ihuriweho n'ibihugu byombi iba igamije gushyiraho urubuga rwo gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano asanzwe ariho no kongera imbaraga mu gushimangira ubutwererane hagati y'ibihugu byombi.

U Rwanda na Djibouti ni ibihugu bifitanye umubano mwiza ndetse muri Gicurasi umwaka ushize, Abakuru b'Ibihugu byombi baganiriye ku bufatanye buri hagati y'u Rwanda na Djibouti.

Umubano w'u Rwanda na Djibouti ushingiye ku bufatanye mu nzego zirimo ubuhinzi, ubukerarugendo, amahugurwa mu byerekeye dipolomasi, ubwikorezi bwo mu kirere, ishoramari, ikoranabuhanga n'urw'abinjira n'abasohoka.

Ibihugu byombi byahanye ubutaka bwo gukoreraho ibikorwa by'ubucuruzi n'ishoramari.

Mu 2013, Djibouti yahaye u Rwanda ubutaka bwa hegitari 20 n'izindi hegitari 20 mu 2017, bwose bukaba ari ubwo gukoreraho ibikorwa by'ubucuruzi n'ishoramari, ndetse muri Werurwe 2016, u Rwanda na rwo rwahaye Djibouti ubutaka bungana na hegitari 10 mu cyanya cyahariwe inganda i Masoro mu Karere ka Gasabo.

Guverinoma ya Djibouti mu mwaka wa 2021 ibinyujije mu cyambu cyayo gifite mu nshingano gukurikirana iby'inganda kizwi nka DPFZA (Djibouti Ports and Free Zones Authority) bashyize umukono ku masezerano y'ubufatanye hamwe na Sosiyete 'Prime Economic Zone' (PEZ) yerekeranye no kubyaza umusaruro ubutaka u Rwanda rwahaye iki gihugu.

Icyo gihe Umuyobozi wa DPFZA, Omar Hadi Aboubaker, yatangaje ko ubwo butaka ari bimwe mu bizafasha kwagura ibikorwa by'ishoramari.

# Minisitiri Dr Biruta yashyikirije João Lourenço ubutumwa bwa Perezida Kagame

**SHEMA Ivan**

***Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu, Dr Vincent Biruta, yashyikirije João Lourenço wa Angola ubutumwa bwa Perezida Paul Kagame bwo kwifuriza iki gihugu isabukuru y'imyaka 50 kimaze kibonye ubwigenge.***

Ni ubutumwa yatanze ku wa Kabiri tariki ya 11 Ugushyingo 2025, nyuma yo kwitabira uyu muhango wabereye muri Praça da República mu Mujyi wa Luanda.

Igihugu cya Angola cyabonye ubwigenge mu mwaka wa



Minisitiri Dr Vincent Biruta yashyikirije Perezida João Lourenço ubutumwa bwa Perezida Kagame bwo kwishimira imyaka 50 iki gihugu kimaze kibonye ubwigenge


1975 nyuma yo kwigobotora ubutegetsi bw'abakoloni b'abanya- Portugal, mu ntambara yamaze imyaka 13.

U Rwanda na Angola ni ibihugu bisanzwe bifitanye umubano mwiza, aho ibihugu byombi bifitanye amasezerano y'ubufatanye mu gukumira ibyaha, gukora iperereza, gukurikirana ndetse no mu gushinja ibyaha mu manza zitandukanye.

Ibihugu byombi binafitanye amasezerano mu rwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'imigenderanire ku buryo byakuriranyeho Visa ku baturage babyo.

Angola yabaye kandi umuhuza w'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo ku bibazo byo mu Burasirazuba bw'iki gihugu kiyobowe na Félix Tshisekedi.

# U Rwanda n'u Bushinwa byasinyanye amasezerano y'ubucuruzi bwa avoka



Hasinywe amasezerano y'ubucuruzi bwa Avoka

**KAYITARE Jean Paul**

***URwanda n'u Bushinwa byasinyanye amasezerano y'ubucuruzi bwa 'avoka' aho zizajya zivanwa mu gihugu zikajya gucuruzwa ku masoko yo mu Bushinwa.***

Ni amasezerano yashyizweho umukono na Ambasaderi w'u Rwanda mu Bushinwa, James Kimonyo, ku wa 12 Ugushyingo 2025.

Ambasade y'u Rwanda mu Bushinwa yavuze ko binyuze muri aya masezerano, abahinzi ba avoka zo mu Rwanda zifite ireme bazabasha kugera ku isoko ry'Abashinwa, bityo byagure urutonde rw'ibicuruzwa by'ubuhinzi byoherezwa mu Bushinwa, isoko rifite abaguzi bagera kuri miliyari 1.4.

Umubano w'u Rwanda n'u Bushinwa umaze imyaka 54. Ushingiye ahanini ku bufatanye mu guteza imbere inzego zirimo ubucuruzi, ishoramari, ubuvuzi, uburezi, ubuhinzi n'ikoranabuhanga.

U Bushinwa bwaje imbere mu bihugu byaturutsemo ishoramari ryinshi ryashowe mu Rwanda mu myaka itanu ishize, kandi ryiyongera umwaka ku wundi.

Ryavuye kuri miliyoni 280 z'Amadolari mu 2020, rigera kuri miliyoni 460 z'Amadolari mu 2024.

Tariki ya 29 Nyakanga, ubwo Perezida Paul Kagame yakiraga Ambasaderi mushya w'u Bushinwa mu Rwanda, Gao Wenqi, yamumenyesheje ko u Rwanda rwiteguye gushimangira uyu mubano.

Ambasaderi Gao na we yavuze ko u Bushinwa bwiteguye gukomeza gukorana n'u Rwanda, hagamijwe inyungu z'Abanyarwanda n'Abashinwa.





# Miliyari 74 Frw zashowe mu kubaka amashuri nderabarezi agezweho



Hashowe miliyari 74 mu kurushaho kunoza imikorere ya za TTCs

**ZIGAMA Theoneste**

***Leta y'u Rwanda ku bufatanye na Banki y'Isi bashoye miliyari zisaga 74 z'amafaranga y'u Rwanda mu mushinga mugari wo kubaka ibikorwa remezo bigezweho no gutanga ibikoresho mu mashuri Nderabarezi (TTCs) 16 y'icyitegererezo n'andi 16 ayegereye akorerwamo imerezamwuga mu burezi ku banyeshuri bagiye kurangira amasomo.***

Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) ivuga ko uwo mushinga watangiye mu 2021, ugamije kuvugurura amashuri nderabarezi kugira ngo ajyane n'icyerekezo cy'Igihugu kandi akundishe abiga uburezi uwo mwuga.

Mu bikorwa remezo byubatswe bigezweho harimo uburyamo (Dortoir), Laboratwari zigezweho, amashuri n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga bituma aya mashuri nderabarezi ajyana n'igihe mu bumenyi atanga.

Umuyobozi Mukuru w'Ishuri Nderabarezi rya TTC de la Salle ryo mu Karere ka Gicumbi, Frere Niyonshuti Jean Paul, yabwiye itangazamakuru ko kubakirwa ibyo bikorwa remezo byafashije abanyeshuri kwiga neza kandi bitezweho gutanga umusaruro mu gihe bazaba batangiye akazi ko kwigisha.

Iryo shuri ryubatswe mu myaka 1950 aho inyubako ryazo bigaragara ko zishaje zimwe zikaba zaravuguruwe, ryigamo abanyeshuri 993, barimo abakobwa 464 n'abahungu 529 biga mu mashami 4 y'uburezi.

Ryubatswemo icumbi ry'abakobwa mu buryo bw'igorofa, ibiro by'abarimu n'abayobozi bishya, ibyumba umunani by'amashuri n'inyubako icumbikira umwarimu umenyereza umwuga abandi, banabavugururira icyumba gifasha abana mu kwimenyereza gukora imfashanyigisho.

Frere Niyonshuti yagize ati: "Batwubakiye inyubako ku buryo zifasha abanyeshuri mu nguni zose z'uburezi. Banaduhaye ibikoresho bifasha umwarimu w'ejo haza nkuko ari cyo igihugu gitegura."

Umuhoza Jean Paul wiga muri TTC de la Salle ishami rya siyansi, yavuze ko guhabwa laboratwari ijyanye n'igihe byatumye bumva neza amasomo bize kuko bayiga banayashyira mu ngiro.

Yagize ati: "Laboratwari ziduftiye umumaro kuko bituma twigirira icyizere tukiga ibintu tubyumva.Biraduha ubushobozi bwo kuzavamo abarimu beza mu gihe kiri imbere."

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Itangazamakuru muri Minisiteri y'Uburezi, Hashakineza Jean Claude, yavuze ko Leta y'u Rwanda ikomeje gukora ibishoboka byose ngo abiga uburezi bagire ubushobozi.

Yagize ati: "Umwarimu wigisha agomba kumenya ikoranabuhanga, agomba guhabwa ibikoresho bihagije kugira ngo abashe kwigisha abanyeshuri bari mu cyerekezo cy'iterambere."

Yunzemo ati: "Ni yo mpamvu hari ibikorwa byinshi Leta yakoze birimo inyubako, Laboratwari, amacumbi n'ibindi bikorwa bitandukanye birimo ibikoresho bibafasha kwiga neza."

Ibikorwa remezo byubatswe n'ibikoresho byatanzwe mu ishuri nderabarezi rya TICC de la Salle byatwaye asaga miliyari 1 na miliyoni 200 z'amafaranga y'u Rwanda,mu gihe mu cyiciro cyas kabiri biteganyijwe ko hazubakwa ibindi birimo igikoni n'icumbi ry'abanyeshuri b'abahungu rikavugururwa bikazatwara miliyoni 400 z'amafaranga y'u Rwanda.

MINEDUC ivuga ko uyu mushinga wo kubakira ubushobozi amashuri Nderabarezi uzarangira mu mwaka wa 2026, ukaba witezweho gufasha abanyeshuri kububakira ubushobozi mu buryo bugezweho.

# Kwishyura hakoreshejwe ikoranabuhanga byageze kuri 321%- BNR

**NYIRANEZA Judith**

***Banki Nkuru y'u Rwanda, BNR yatangaje raporo igaragaza isesengurwa ry'ibyagezweho n'iyo Banki mu kubungabunga agaciro k'ifaranga no kubaka urwego rw'imari rutajegajega, mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024/25, aho agaciro ko kwishyura hakoreshejwe ikoranabuhanga ku Musaruro Mbumbe w'Igihugu byavuye kuri 211% muri Kamena 2024 bigera kuri 321%.***

Iyo raporo igaragaza ko Serivisi z'uburyo bwo kwishyurana amafaranga make bwihuta buhuriweho n'ibigo by'imari bitandukanye (eKash) zakomeje kugaragaza ubwiyongere ku kigero cya 301% zigera kuri miliyari 37,7 z'amafaranga y'u Rwanda.

Igipimo cy'umutungo w'amabanki ushobora kubyazwa amafaranga mu gihe kirekire (NSFR) wavuye ku 136% muri Kamena 2024 ugera ku 151%, Igipimo cy'urwunguko cya Banki Nkuru y'u Rwanda cyavuye kuri 7,0% kigera kuri 6.5%, Impuzandengo y'umwaka y'izamuka ry'ibiciro yari ku 7,9% muri Kamena igera kuri 5,7%.

Raporo kandi yagaragaje ko Umusaruro Mbumbe w'Igihugu wazamutse ku kigero cya 6,3% ku mpuzandengo y'umwaka, umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro warazamutse ugera kuri 7,0% muri Kamena 2025, byari biteganyijwe ko ibiciro by'ibicuruzwa by'ibikomoka kuri peteroli bizagabanyukaho 12,4% mu mwaka wa 2025, Igipimo cy'urwunguko cya Banki Nkuru y'u Rwanda (CBR) cyaramanuwe kiva kuri 7 ku ijana muri Kamena 2024 kigera kuri 6,5 ku ijana muri Kanama 2024 kigumishwaho kugeza muri Gicurasi 2025.

Iyo raporo ikomeza igaragaza ko Banki Nkuru y'u Rwanda kandi yasohoye inoti nshya z'amafaranga y'u Rwanda, iya 5000 n'iya 2000, mu mpera za Kamena 2025, ubwizigame bw'Igihugu mu madovize bwari amezi 4,8 naho umutungo wose w'urwego rw'imari wazamutse ku kigero cya 22,6% igera kuri Tiriyari 14,3 muri Kamena 2025, uvuye kuri Tiriyari 11,6 muri Kamena 2024, birenga izamuka rya 20,9 ku ijana ryagezweho mu mwaka wabanje.



BNR yagaragaje ko kwishyura hakoreshejwe ikoranabuhanga ku Musaruro Mbumbe w'Igihugu byavuye kuri 211% muri Kamena 2024 bigera kuri 321%

Igipimo mpuzandengo cy'umutungo w'amabanki ushobora kubyazwa amafaranga mu gihe gito (LCR) cyari kuri 289,1% muri Kamena 2025, Banki Nkuru y'u Rwanda yatanze impushya 78 zemerera gukora ibigo by'imari bitakira amafaranga abitswa. Muri Kamena 2025, amakoperative yo kubitsa no kuguriza 99, yahurijwe hamwe akorwamo SACCO 7 zo ku rwego rw'Akarere (D-SACCOs).

# Madamu Jeannette Kagame yashimye Kepler College kwimakaza uburezi budaheza

KAMALIZA Agnes

***Madamu Jeannette Kagame yashimiye Ishuri Rikuru rya Kepler kuba yimakaza uburezi budaheza ikibuka n'abarimo impunzi n'abafite ubumuga.***

Yabigarutseho ku wa 12 Ugushyingo 2025, mu muhango wo gutanga impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya Kaminuza ku banyeshuri 293 barangije amasomo muri Kepler College; barimo 43 bigaga mu Ishami rya Kigali n'abandi 250 bigaga mu Ishami riri mu Nkambi ya Kiziba mu Karere ka Karongi.

Madamu Jeannette Kagame yavuze ko nk'umuntu wakuriye mu buhungiro yakozwe ku mutima na gahunda ya Kepler College yo kwimakaza uburezi budaheza n'impunzi zigahabwa ayo mahirwe.

Ati: "Nishimiye uburyo mufite uburezi budaheza. Hari abantu rimwe na rimwe birengangizwa mu rugamba rwo kubaho barimo impunzi n'abafite ubumuga. Nk'umuntu wavukiye mu buhungiro nkanabukuriramo nzi icyo bivuze kuba hanze y'igihugu cyawe ukabura amahirwe abandi babonera mu gihugu."

Yongeyeho ko impunzi z'Abanyarwanda muri icyo gihe zabagaho zihangayikishijwe n'ahazaza kandi hari hashingiye ku burezi, avuga ko inzizitizi bahuriyeyo nazo zitabaciye intege ahubwo zabahaga imbaraga zo kwiyemeza no gushishikazwa n'intego bihaye.

Madamu Jeannette Kagame yagaragaje ko kuba abo banyeshuri basoje bisobanuye ibirenze ibyo, kuko hishimirwa intumbero yatangiye mu myaka myinshi ishize yo kwizera ko buri munyeshuri ahabwa amahirwe yo kwiga kandi agahabwa uburezi bufite ireme hatitawe mu hahise he.




Madamu Jeannette Kagame yashimiye ishuri rikuru, Kepler ko ryimakaza uburezi

Yahamije ko imbuto z'uburezi bwa Kepler College bigaragaza ubushake burenze imipaka, kandi ari ibyo kwishimira kuko bategura abanyeshuri Isi ikeneye ku isoko ry'umurimo.

Ati: "Ibyo Kepler yaduhaye ni ibyo kwishimira kuko bafite integanyanyigisho ziteguye neza n'uburyo bategura abanyeshuri bakaba abo Isi ikeneye haba mu mikoranire, muri sosiyete inaha n'amahanga, uyu munsi ndetse n'ejo. Intego yayo yo gukomeza kuba imbere no mu hazaza h'iterambere bibahe imbaraga mwe murangije ko muzabona akazi mu mwaka umwe."

Jeannette Kagame yababwiye ko bahawe ikirenze ubumenyi, gituma batekereza byagutse kugira ngo bakemure ibibazo mu buryo bwose, kuvuga bashize amanga, kuyoborana ubunyangamugayo no kugendana naho Isi igeze.

Yabibukije kandi ko bateguriwe gukemura ibibazo byugarije Isi, guhanga udushya no gukora inshingano uko bikwiye; abasaba gukoresha ayo mahirwe mu bifitiye Isi akamaro.

Minisitiri w'Uburezi, Joseph Nsengimana, yashimiye abanyeshuri barangije amasomo; agaragaza ko ibyo bishimangira ubushake bw'u Rwanda mu gutanga uburezi budaheza kandi bufite ireme.

Yavuze ko iryo shuri ari umufatanyabikorwa ukomeye utuma abakiri bato bagira ubuhanga n'ubumemyi bukenewe ku isoko ry'umurimo kandi ko gusoza amasomo ari intsinzi.

Ati: "Intego ni ugufasha no kuzamura ubumenyi bw' urubyiruko rw'Abanyafurika guhangana ku isoko Mpuzamahanga no gukemura ibibazo bitwugarije. Ituma urubyiruko rwiyumvamo icyizere cy'ejo kandi uku gusoza kugaragaza intsinzi n'uburyo uburezi bwacu butanga ubumenyi."

Ni ku nshuro ya mbere Kepler College ishyize hanze abarangije amasomo kuva mu 2022, nyuma yo guhabwa ubuzima gatozi bwo gukora nka kaminuza yemewe mu Rwanda.

Mu 2022 ni bwo Kepler yatangije Ishuri Rikuru rya Kepler College, ritanga amasomo ajyanye n'ibiri ku isoko ry'umurimo yibanda ku gufasha urubyiruko rwa Afurika rufite impano n'ubumenyi ariko rudafite ubushobozi.

Yatangiye itanga amasomo y'icyiciro cya kabiri cya kaminuza mu gucunga imishinga, ubucuruzi ndetse inafite gahunda z'amasomo y'igihe kigufi.

Abarangije amasomo baturuka mu bihugu birimo u Rwanda, u Burundi, Repubulika Iharanira Demukarasi ya Congo, Kenya, Eritrea na Gabon.



Politiki yo kuvugurura imijyi izakorwa mu buryo bwubaka ibirambye

## Kuvugurura imijyi bizajyana no kuyubaka mu buryo burambye

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, Dr Jimmy Gasore yavuze ko politiki nshya y'imiturire yo kuvugurura no guhanga imijyi ikubiyemo guhanga imyubakire y'imijyi irambye ibungabunga ibidukikije, igahangana n'imihindagurikire y'ibihe kandi izamura ubukungu.***

Yabigarutseho ubwo yagezaga ku Nteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite Politiki y'Igihugu y'imitunganyirize y'imijyi, kuri uyu wa Kabiri tariki 11 Ugushyingo 2025.

Dr Gasore yasobanuye ko muri Politiki Nshya yo kuvugurura no guhanga imijyi hashingiwe ku nkingi 4 zirimo imikoranire hagati y'inzego bitandukanye, gutuza abantu benshi ku butaka buto, imibereho myiza n'ubukungu.

Yagize ati: "Imitunganyirize y'imijyi ishingiye ku nkingi enye, arizo imikoranire hagati y'inzego za Leta, abikorera n'abafatanyabikorwa, gutuza abantu benshi ku butaka buto kandi ikaba ari imijyi buri wese yibonamo bitavuze ko iturwamo n'abafite ubushobozi runaka, buri wese agatura mu mujyi kandi agashobora kuhaba."

Yongeyeho ati: "Inkingi ya gatatu ni imibereho myiza, umujyi abantu bishimiye kubamo, hari imijyi usanga yarakozwe mu kajagari itarangwamo Isuku, itarimo umwuka mwiza, butarengera ibidukikije, iyi Politiki ntabwo ibyemera."

Dr Gasore yavuze Kandi ko mu kuvugurura imijyi, bizakorwa ku ryo buri wese azayibonamo mu bushonozi afite.

Ati: "Ni ukuzamura ubukungu ari mu Mujyi wa Kigali n'indi mijyi iwunganira kugira habemo ibikorwa by'ubukungu bizamura imibereho y'abari mu mijyi kandi mu byiciro byose, ab'ubushobozi bwiza, abafite ubucirirtse barimo kandi buri wese afite aho kuba ku bushobozi no ku giciro byose by'abarimo. [.....], imijyi izaba imbarutso y'iterambere hakurikijwe umwihariko wa buri Karere uwo mujyi urimo."

Muri iyo politiki nshya yo kuvugurura no guhanga imijyi, hazakomeza kunozwa no kwemeza ibishushanyombonera hagamijwe kunozwa imiturire.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

## *Urubyiruko rw'u Rwanda rukeneye itandukaniro*

Mu gihe Icyerekezo 2050 gitegurira u Rwanda kuzaba rubarizwa mu bihugu byateye imbere ku Isi, ntigikwiye kuba intumbero y'abakuru gusa ahubwo gikwiye kuba n'umukoro uhoraho w'abakiri bato.

Abavuka muri iyi myaka ni bo bazaba ari urubyiruko rwo mu myaka 25 iri imbere, kandi urubyiruko rw'ubu ni rwo ruzaba rurimo inararibonye z'urugendo rw'ishyirwa mu bikorwa ry'iki cyerekezo.

Rimwe na rimwe hari ubwo bamwe bumva gahunda z'Igihugu, bakibwira ko hari abandi zireba kugira ngo zishyirwe mu bikorwa, ariko ibireba Igihugu biba bireba buri wese.

Nk'Igihugu cyubakiye ubudahangarwa ku masomo cyakuye ku mateka, urubyiruko rw'uyu munsi rukwiye kugaragaza itandukaniro mu gusigasira umurage w'ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda no guharanira iterambere ritagira n'umwe riheza.

Byaba ari agahomamunwa urubyiruko rw'u Rwanda ruriho uyu munsi ruramutse ruguye mu mutego wo gushaka impinduka zirengagiza gufata inshingano no gusigasira ibyagezweho mu myaka ishize u Rwanda rubohowe.

Mu gihe ku mbuga nkoranyambaga huzuye abiyambika uruhu rw'intama bagamije kurusenya mu ntekerezo n'imigirire, ni ingenzi cyane ko rumenya gutoranya icyatsi n'ururo hakiri kare kugira ngo n'amahitamo rugira ajyane n'icyerekezo kirekire cy'Igihugu.

Abariho uyu munsi nibarushaho gukomera ku mahame y'iterambere, bazafasha n'abazavuka mu gihe kizaza gusobanukirwa impamvu y'ibyiza biriho n'impamvu kubisigasira bisaba kwiyemeza guhanga ibishya ariko bidatandukira ku mahame shingiro y'isano dusangiye nk'Abanyarwanda.

Isi ya none ihanganye n'ibibazo bitandukanye uhereye ku bifitanye isano n'imihindagurikire y'ibihe, ibijyanye n'intambara n'amakimbirane, ndetse n'ibirebana n'imibereho y'abaturage, byose bikeneye umusanzu w'urubyiruko mu kubishakira ibisubizo birambye.

Mu gihe ikoranabuhanga rikomeza kwiyongera, gushaka ibisubizo birambye n'ubundi biri mu maboko y'urubyiruko kuko ari rwo rwarivukiyemo kandi rukaba rworoherwa no kurikoresha kurusha ababyeyi babo.

Reka Icyerekezo 2050 kigaragarire mu mahitamo meza ya buri munsi y'abakiri bato bashyigikiwe n'ubwenge n'ubushishozi by'ababyeyi babo.

# Kwemera icyaha biradufasha twese- Urukiko rw'Ikirenga



Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Domitilla Mukantaganzwa, yatangaje ko kwemera icyaha no gusaba imbabazi bifasha inzego zose

KAYITARE Jean Paul

***Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Domitilla Mukantaganzwa, yatangaje ko kwemera icyaha no gusaba imbabazi bifasha inzego zose by'umwihariko igihugu, cyane ko gifata abagororwa nk'abana bacyo, kikifuzaho ko na bo bagira uruhare mu guushyira mu bikorwa gahunda y'ubuhuza.***

Yabigarutseho kuri uyu wa Kane tariki 13 Ugushyingo 2025, ubwo yatangizaga ku mugaragaro gahunda y'ubuhuza mu Igororero rya Nyarugenge riherereye mu Murenge wa Mageragere.

Gahunda y'ubuhuza yitabiriwe n'inzego zitandukanye zirimo ubuyobozi bw'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS), ubuyobozi bw'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RCS), Polisi, ubushinjacyaha n'ubuyobozi bw'Inkiko.

Mukantaganzwa, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, yavuze ko gahunda y'ubuhuza igamije gutanga ubutabera buha uwakoze icyaha kwikosora cyangwa kwishyura ibyo yononnye.

Yagize ati: "Kwemera icyaha biradufasha twese, cyane ko ubuhuza bureba ibyaha byose. Kugabanya ubucucike si cyo kigenderewe ahubwo ni zimwe mu ngaruka zabyo."

Ubuhuza bugamije gutanga ubutabera bwihuse, ibindi biza ari ingaruka z'iyo myitwarire. Icyakoze Urukiko rw'Ikirenga ngo rwifuza ko umubare w'abakora ibyaha wagabanuka.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yavuze ko gahunda y'ubuhuza izakomereza no mu yandi magororero.

Ku ikubitiro kuri uyu wa 13 Ugushyingo, abagororwa bakorewe amasezerano mu ifasi ya Kigali abagera kuri 85 bahise bataha kubera gahunda y'ubuhuza kandi ngo ni igikorwa gikomeje nk'uko byemejwe n'ubuyobozi bwa RCS.

Umuvugizi w'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS), CSP Sengabo Hillary Emmanuel, yabwiye Imvaho Nshya ko kujya mu Igororero nta shema ririmo agakangurira abantu kwirinda ibyaha ariko banabikora bakemera ko babikoze kandi bakabisabira imbabazi.

Ati: "[…] waba wagoganye n'icyaha ugafatwa, ukwiye kwemera icyaha ukagisabira imbabazi kuko twabonye ko bifite inyungu zo kugabanyirizwa ibihano ndetse ibyo wahawe bikaba byanasubikwa, bivuze ngo rero igihe utaruhanyije mu bugenzacyaha, ufite amahirwe yo kutaza mu Igororero, ukumvikana n'uwo wakoreye icyaha bikiri mu bugenzacyaha ukaba wataha utageze mu Igororero."

Avuga ko abantu bemera gukorana amasezerano n'ubushinjacyaha bashobora guhabwa ibihano biri hagati y'amezi 6 n'imyaka 5, icyo gihe bishobora no gusubikwa bitewe n'impamvu nyoroshyacyaha zagaragajwe.

Ati: "Ushobora gufungwa igihe gito cyangwa ibihano wahawe bigasubikwa cyangwa se ntunaze no mu Igororero, ni cyo twakangurira abantu; kwirinda icyaha ariko waba wanagikoze ukagisabira imbabazi."

Mucyo Fatia wari warahamijwe icyaha cyo kwihesha ikintu cy'undi hakoreshejwe uburiganya, ni umwe mu bagororwa 85 bahise bataha binyuze mu buhuza.

Yahamirije Imvaho Nshya ko Urukiko rwamuhanishije igihano cy'umwaka umwe ariko binyuze muri gahunda y'ubuhuza akaba yahawe amezi 9 asubitse ariko kuko yari amaze gufungwa amezi 3, hahise hafatwa icyemezo cy'uko ahita ataha.

Yishimiye gahunda y'ubuhuza kuko itumye yongera gusubira mu muryango we ariko akongeraho ko iyi gahunda ifasha uwakoze icyaha n'uwagikorewe.

Yagize ati: "Iyo wakoze icyaha ukacyemera ari wowe biragufasha gusohoka ukajya mu bindi wari urimo n'uwakorewe icyaha bikamufasha gutuza mukabana neza."

Justin Rwabigwi, umwunganizi mu mategeko umaze imyaka 3 muri gahunda y'ubuhuza kuva yatangira, asobanura ko bimwe mu bikurikizwa muri gahunda y'ubuhuza ari uko uwakoze icyaha aba agomba kuba yemera icyaha, kwiyunga no kwemera kugirana amasezerano n'uhagarariye ubushinjacyaha hanyuma amasezerano akigwaho n'urukiko nyuma bakayemeza.

Uwakoze icyaha yemera ibikubiye mu masezerano kuko hari ubwo aba yagabanyirijwe igihano, ashobora kurekurwa cyangwa agakomeza kuryozwa igihano yumvikanye n'uhagarariye ubushinjacyaha gisigaye ku bijyanye n'amasezerano bagiranye.

Akomeza agira ati: "Icyo tubona abenshi bamaze gukorerwa icyaha akaba yibagiwe uwo muntu yashyikirije inzego wenda ashobora kuba ari mu igororero cyangwa muri kasho ibijyanye n'icyaha n'igihano akabyibagirwa ku buryo ubutabera bumuhamagara akavuga ngo nari nzi ko uwo muntu yarekuwe ahubwo igisigaye ni ukumuha imbabazi."

Kuri we avuga ko gahunda y'ubuhuza yamaze gutanga umusaruro cyane kuko ngo abantu bamaze kurekurwa binyuze muri iyi gahunda kandi bamaze no kwemera ibyaha barenga ibihumbi 23.

Mu Igororero rya Nyarugenge ricumbikiye abagororwa 10 813 mu gihe 1 315 muri bo ari abagore. Abagera kuri 65% mu bari mu Igororero rya Nyarugenge, bahamijwe ibyaha byo gukubita no gukomeretsa ndetse n'ubujura.

# Bazaba Intwari nka Gen Maj. Rwigema: Inzozi z'abana bigira mu Igororero rya Nyagatare



Abana bagororerwa mu Igororero ry'Abana rya Nyagatare biyemeje kuzaba intwari z'Igihugu

ZIGAMA Theoneste

***Abana bagororerwa mu Igororero ry'Abana rya Nyagatare batangaje ko bafite inzozi zo kuzaba intwari z'Igihugu, bashingiye ku rugero rw'Intwari y'u Rwanda mu cyiciro cy'Imanzi, Gen. Maj. Fred Gisa Rwigema.***

Inzozi zo kuba intwari no kwitangira Igihugu zishingiye ku burere n'ubumenyi bagenda bungukira mu Igororero rya Nyagatare, aho ubuzima bakekaga ko buzababera igihano bwabahindukiye amahirwe yo kwimenya no kwiga ibitegura ahazaza habo.

Mu mashuri yabo ari mu igororero, abo bana baba batuje bagaragaza inyota yo kunguka ubumenyi aho bigishwa n'abakozi b'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS), n'abandi bagororwa bakuru bafunzwe barize uburezi.

Abo bana bahabwa amasomo atandukanye harimo ay'amashuri abanza, ayisumbuye, ndetse n'ay'imyuga n'ubumenyi ngiro irimo ububaji, gusudira, kudoda no gutunganya ubwiza (fashion).

Ubuhamya ninzozi zabo babigaragaje ku wa Gatatu tariki ya 12 Ugushyingo 2025, ubwo Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) ifatanyije na RCS berekaga itangazamakuru uburyo abo bana biga kandi bagororwa.

Umwe mu bana umaze umwaka ahagororerwa, akaba yiga mu mwaka wa Gatandatu w'amashuri abanza, yavuze ko mbere yari afite imyitwarire idahwitse, ariko ubu yabonye ubumenyi n'ikinyabupfura bimufasha kugira intego mu buzima.

Yagize ati: "Ibyo niga hano bizamfasha cyane kuko banyigisha byinshi, haba ubumenyi rusange, ikinyabupfura ndetse no kwigishwa uburyo bwo kwiyubaka. Naje hano ndi mu bibi, ntumvira ababyeyi, numvaga nta hazaza mfite, ariko ubu bampaye icyizere cy'ubizima. Nifuza kuzaba umusirikare w'Igihugu nkurikira urugero rwa Gen. Maj. Fred Gisa Rwigema."

Undi mukobwa wageze muri iryo gororero afite imyaka 15 akaba ubu afite 18, yavuze ko kuhagororerwa byamuhinduriye ubuzima. Ubu yiga mu mwaka wa kabiri w'amashuri yisumbuye.

Yagize ati: "Navuye mu ishuri, ni byo byatumye mfungwa. Ariko RCS yadushakiye abarimu n'ibikoresho, tugira gahunda nziza yo kwiga, gufungura no kuruhuka. Ibyo byatumye nongera kugira icyizere n'ikinyabupfura. Nubwo nigeze gufungwa, inzozi zanjye zo kuba umusirikare ntizigeze zirangira."

Umuvugizi w'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS) yavuze ko impamvu nyinshi zituma abana bisanga mu byaha zishingiye ku gutereranwa n'ababyeyi.

Yagize ati: "Hari ababyeyi batita ku bana, bigatuma bajya mu mihanda, batarya neza cyangwa batitabwaho uko bikwiye. Hano rero umwana yitabwaho, agategwa amatwi kandi agahabwa ubumenyi n'indangagaciro zituma asubira mu buzima bushya."

RCS ivuga ko kuva iri shuri ryatangira, abana bahigira batsinda neza ibizamini bya Leta kubera ireme ry'amasomo n'imyitwarire myiza batozwa.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi, Irere Claudette, yashimangiye ko ababyeyi bakwiye kugira uruhare mu kurera abana babo ndetse no mu gihe bafunzwe bakihatira kubasura kuko ari abana nk'abandi.

Yagize ati: "Aba bana Leta ibagenera ibyo bakeneye ngo bige, ariko n'ababyeyi bakwiye kubaba hafi. Kuba bafunzwe ntibikuraho ko ari abana, kuko impamvu bari hano ni ukugororwa. Iyo usohotse hano udafite icyerekezo, Isi iragusiga."

Yasabye ababyeyi gukomeza gusura no kuganiriza abana babo kugira ngo bumve ko bakiri mu rugo kandi bakibakunze.

Kuri ubu, Igororero ry'Abana rya Nyagatare rifungiwemo abagera kuri 395 barimo abakobwa 16. abahafungiwe bafite imyaka hagati ya 14 na 18 bakurikiranyweho ibyaha byiganjemo gukubita no gukomeretsa, kwihekura, ubujura no gukoresha ibiyobyabwenge.

Abagororwa bose bariga aho bahabwa amasomo asanzwe, 38 muri bo biga amasomo y'ubumenyi ngiro.

Iri gororero ryatangiye mu mwaka wa 2012, rikaba rifasha abana kongera kubaka ejo habo heza binyuze mu burezi, imyuga n'amasomo y'indangagaciro z'ubunyarwanda.

# Ibibazo bya moto za Spiro byinjiwemo na Leta

KAMALIZA Agnes

***Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) yamenyesheje Abanyarwanda bose ko yakiriye ibibazo byagaragajwe n'abakiliya ba moto zikoresha umuriro w'amashanyarazi zo mu bwoko bwa Spiro kandi ko bigiye gushakirwa ibisubizo.***




Leta yinjiye mu bibazo bya moto zo mu bwoko bwa Spiro

MINICOM yagaragaje ko ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ihiganwa mu bucuruzi no kurengera Umuguzi (RICA), Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuziranenge, (RSB), Urwego Ngenzuramikorere (RURA) na Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, (MININFRA) biri gukurikiranwa kugira ngo bishakirwe ibisubizo.

Itangaje ibyo nyuma y'ibibazo bitandukanye bigaragazwa n'abamotari batwara Spiro birimo; kuba feri zazo zidakora neza bigatuma habaho impanuka, kubura kwa piyese mu gihe zapfuye, kubura batiri, kuzigura ugatinda kuzihabwa, serivisi mbi zitangwa n'abakoramo n'ibindi.

Abaganiriye na Imvaho Nshya bagaragaje ko ibyo bibazo byose biterwa na Spiro bibateza ibihombo ariko bakaba bizeye ko nyuma yo kumenya ko Leta yabyinjiyemo bigiye gukemuka.

Sikubwaho Alphonse yagize ati:" Njye imaze kungusha gatatu kubera gufata feri bikanga! Dore n'ejobundi yantaye mu

KOMEZA KU RUP.9





## Ibibazo bya moto za Spiro byinjiwemo na Leta

IBIKURIKIRA URUP.9

ipine ry'imodoka. Izi moto ni ibibazo gusa kuyitwara ni ukubura uko ngira."

Akomeza avuga ko kubona piyese zayo mu gihe yagize ikibazo nabyo ari ingorabahizi kuko hari abo bisaba gutegereza amezi arenze abiri cyangwa abandi bakazisiga ku ruganda bakaba bategereza bagaheba.

Akomeza avuga ko ibyo bibateza ibihombo ariko kuva inzego za Leta zibyinjiyemo bifuza ko babikurikirana vuba bakabikemura.

Ati: "Niba ufite moto ukayisigayo ukamara amezi atatu udakora ni igihombo, nk'ubu hari moto ziriyo ba nyirazo barategereje baraheba, ariko kuba biri gukurikiranwa tuzabyakira neza nitubona bishyizwe mu bikorwa."

Gatete Jean Damascene na we yagize ati: "Nawe reba ibyayo nabuze feri ejobundi i Nyabisindu nari ngonze imodoka y'abandi! Buri nyuma y'iminsi itatu ni ukujya gukoresha muri feri."

Mpazimpa Felecien yunzemo ati:" Ibaze kuba ufite moto ukabura piyese? Ubu ushobora kumara n'amezi arenga atatu moto uyiparitse."

Abatwara moto yo mu bwoko bwa Spiro, bafite icyizere kuko Leta yinjiye mu gukemura ibibazo bahura nabyo.

# Kuva mu 2024 uruganda Shema Power Kivu Lake rukora neza – MININFRA



MININFRA yatangaje ko kuva muri Gashyantare 2024 kuva uruganda rucukura gaze methane rukora neza kuko rutanga Megawatt 56

KAYITARE Jean Paul

***Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, MININFRA, itangaza ko kuva muri Gashyantare 2024, uruganda Shema Power Lake Kivu Limited (SPLK Ltd) rukura gaze Methane mu kiyaga cya Kivu rukora neza kandi ko amashanyarazi yatangiye kugezwa ku baturage.***

Mu kiganiro Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, Dr Jimmy Gasore, yahaye Imvaho Nshya yemeza ko Umushinga SPLK watangiye gukora.

Yagize ati: "Umushinga Shema Power Lake Kivu watangiye gukora by'igerageza muri Nzeri 2023, muri Gashyantare 2024 kuva icyo gihe uruganda rurakora neza kuko rutanga megawatt 56. Megawatt 6 zikoreshwa n'uruganda, izisigaye zigahabwa Ikigo gishinzwe gukwirakwiza Umuriro w'Amashanyarazi (EUCL)."

Gahunda ya Guverinoma y'imyaka itanu 2024-2029 (NST2), igaragaza iterambere mu nzego zitandukanye by'umwihariko kongerera ingufu z'amashanyarazi. Intego ni ukugeza umuriro w'amashanyarazi ahantu hose hari ibikorwa remezo by'iterambere no mu tugari twose, hanongerwa uruhare rw'ingufu zisubira.

Mu gukomeza gukwirakwiza amashanyarazi hiryo no hino mu gihugu, hazibandwa ku nganda, inzu z'ubucuruzi, amashuri, ibigo by'ubuvuzi n'ibindi bigira uruhare mu iterambere n'imibereho myiza y'abaturage.

umushinga Shema Power Lake Kivu (SPLK) washoye agera muri miliyoni 400$ mu bikorwa byo gucukura gaze méthane mu Kiyaga cya Kivu.

Ni umushinga washyizwe mu bikorwa ku bufatanye bwa Guverinoma y'u Rwanda n'iyi Sosiyete SPLK Ltd, ukaba waratangijwe ku wa 3 Ukwakira 2019.

Uzagira uruhare mu kugabanya ikoreshwa ry'ingufu zangiza ibidukikije, harimo gucana inkwi n'amakara, ibisigazwa by'imyaka n'ibindi.

Mu bilometero 6 uvuye ku mwaro aho uruganda nyirizina rwubatse werekeza mu mazi hagati, aho ni ho hari ibikorwa remezo bifasha gucukura gaze Methane iri muri metero ziri hagati ya 300 na 400 z'ubujyakuzimu y'amazi y'ikiyaga cya Kivu.

Mu mpera za 2023, uruganda rwa SPLK rwatunganyaga gaz Méthane mu Kivu rukayibyaza amashanyarazi Megawatt 37.5 mu zisaga 50 rwohereza mu muyoboro mugari w'amashanyarazi, aho rwubatse mu Murenge wa Nyamyumba mu Karere ka Rubavu.

Imvaho Nshya irabagezaho amafoto y'Umushinga Shema Power Lake Kivu (SPLK) ukura umuriro w'amashanyarazi muri gaze méthane iri mu Kiyaga cya Kivu.

# Guinée Conakry yatangije ikoranabunga ryakorewe mu Rwanda mu gutanga amasoko




I Conankry Inama ya Transform Afurika Summit yitabiriwe na Perezida Kagame n'abandi bayobozi

ZIGAMA Theoneste

***Guverinoma ya Guinée Conakry yamuritse Telemo, sisitemu nshya yo gutanga amasoko ya Leta hifashishijwe ikoranabuhanga (e-procurement) yakorewe mu Rwanda.***

Iyi gahunda yatangijwe ku wa 14 Ugushyingo, ubwo hasozwaga inama ya Transform Africa Summit 2025 yabereye i Conakry, ku nshuro ya mbere uwo mujyi wakira Abakuru b'Ibihugu, intumwa za Guverinoma, ba rwiyemezamirimo bo mu karere n'abayobozi bakomeye mu ikoranabuhanga ku rwego mpuzamahanga muri Afurika y'Uburengerazuba.

Iterambere rya Telemo ryatangijwe ku wa 14 Nzeri 2023, ubwo Guinée Conakry yifatanyaga n'u Rwanda mu rwego rwo kugezwa ku buryo bugezweho imikorere yo gutanga amasoko ya Leta no kuva ku mitegurire ishingiye ku mpapuro itajyanye n'igihe.

Ibi byatanze urubuga rwuzuye rw'ikoranabuhanga rugamije kongera umucyo, gukaza imiyoborere ishingiye ku bubasha n'inshingano, no gutunganya neza imicungire y'amasoko ya Leta.

Minisitiri w'Ubukungu bushingiye ku Itumanaho, Ikoranabuhanga muri Guinée, Rose Pola Pricemou, yavuze ko igihugu kirimo kwinjira mu gihe gishya.

Yagize ati: "Ubutunzi bwacu ntibukiri ubwo munsi y'ubutaka gusa, ahubwo ubu buri mu bushobozi, ibitekerezo n'ikoranabuhanga."

Yakomeje avuga ko mu gihe ibihugu bigenda bisobanukirwa n'ubushobozi bifite mu gukoresha ikoranabuhanga, Guinée yiyemeje kwicara mu myanya y'imbere.

Jean-Freddy Makuza, Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Imari muri Rwanda Cooperation Initiative (RCI), yavuze ko Telemo izateza imbere urubuga rwo gutanga amasoko muri Guinée.

Yagize ati: "Ubu buryo buzagabanya gukererwa gutanga serivisi, byongere gukorera mu mucyo, byoroshye gutanga amasoko.

Izubaka inzego zihamye no gutanga amasoko, rikanoza uburyo bwo gukurikirana isoko kuva ritangijwe kugeza rirangiye, ndetse rikubaka ubushobozi bw'inzego n'abakozi bazo bakora amasoko."

Yakomeje avuga ko Telemo igaragaza uruhare u Rwanda rugaragaza ko ruyoboye ku mugabane mu gushyigikira ishyirwaho ry'imiyoborere y'ikoranabuhanga muri Afurika biciye muri gahunda yiswe South–South cooperation.

Makuza yavuze ko u Rwanda kuri ubu ruri gufatanya no gukora sisitemu y'Icungamari rya Leta (IFMIS) n'Ubwami bwa Eswatini, kandi rukorana n'ibindi bihugu byinshi bishaka kwimura serivisi zabyo za Leta zitangwa ku mpapuro zikajya ku ikoranabuhanga mu micungire y'imari, amasoko na serivisi z'ubutabera.

Yavuze ko aya masezerano y'ubufatanye agaragaza uko ibihugu by'Afurika bishobora gusangira ubumenyi ngiro, bikanashyira mu bikorwa ibisubizo ku bibazo biri muri Afurika bigamije guteza imbere ibihugu.

Yibukije ko ubufatanye na Guinée bugaragaza uburyo imikoranire hagati y'ibihugu byombi irushaho gukomera, bikanakomeza isura y'u Rwanda nk'umufatanyabikorwa wizewe mu bya tekiniki.

Iyi mikoranire yerekana uko ibisubizo by'ikoranabuhanga rigezweho bikorewe muri Afurika bishobora kwimurirwa ahandi, bigatunganywa ndetse bikanagurwa kugira ngo bihuze n'icyo ibindi bihugu bikeneye.

Kuva mu 2018, u Rwanda rumaze gushyiraho ikoranabuhanga ritanga ibisubizo by'ibibazo bihari muri Tchad, Eswatini, Guinée na Kenya, rukaba rwarasinye amasezerano arenga 18 y'ubufatanye ndetse rukakira abarenga 7 600 baturutse mu bihugu 70 baje kwiga ubunararibonye bwarwo mu miyoborere n'ikoranabuhanga.

Abayobozi ba RCI bavuze ko ubu bufatanye buhuza inama za politiki, isesengura ry'inzego, kwerekana uburyo sisitemu zikora no gufatanya mu kuzihanga, byose bigamije iterambere rirambye.

Byinshi mu bisubizo u Rwanda rwohereje hanze byabaye isoko y'impinduka y'ibihugu mu iterambere rinyuze mu ikoranabuhanga byaryimitse, bitanga umusanzu ukomeye ku ntego za Afurika Yunze Ubumwe zo guteza imbere ikoranabuhanga muri gahunda z'iterambere y'imyaka 10, (Digital Transformation Strategy for Africa 2020–2030).





# Abahinzi bato batanga 80% by'ibiribwa mu Rwanda barasabirwa kunganirwa

ZIGAMA Theoneste

***Inzobere mu buhinzi no kongera umusaruro w'ibihingwa zirasaba inzego zitandukanye gushyigikira abahinzi bato kuko ari bo batanga hejuru ya 80% y'ibiribwa bihingwa mu Rwanda.***

Izo mpuguke zisanga buri wese aharaniye guteza imbere abahinzi bato byatuma u Rwanda rwihaza mu biribwa kandi ubuhinzi bukarushaho guteza imbere Igihugu.

Byakomojweho ku wa Kabiri tariki ya 11 Ugushyingo mu biganiro mpaka bigamije guteza imbere ubuhinzi bwongera ubukungu no kwihaza mu biribwa.

Ibyo biganiro byahuje abari mu ruhererekane rw'ibiribwa barimo ababyongerera agaciro, abahinzi, abanyenganda, abari mu nzego za Leta n'abandi bibumbiye mu Muryango Africa Food Fellowship.

Impuguke zagaragaje ko biribwa bisaba ubufatanye.

Ati: "Tuganira ku bibazo tukabijyaho impaka kugira dufunguke turebe kure ibibazo bihari mu buhinzi tubishakire umuti. Abahinzi bakwiye gushyigikirwa kugira ngo babone ibyo bakeneye. Ibyo kurya 80% ni bo babihinga. Ubuhinzi bwabo bugira n'umubare wo kurengera ibidukikije kandi bunatanga akazi kuko mu giturage abantu benshi bakora ubuhinzi."

Umutoni Justine, umukozi mu Ishami ry'ubushakashatsi mu Muryango wita ku buhinzi bw'ibishyimbo mu Rwanda (CIAT), na we yavuze ko abahinzi bato bafatiye runini ubuhinzi n'ubukungu bw'u Rwanda bityo ko ari abo gushyigikirwa.

Yagize ati: "Iyo urebye uko imiterere y'ubuhinzi iteye, hari uburyo bwo guhuza imikoreshereze y'ubutaka, abandi bagashaka gutsimbarara ku buhinzi bwa gakondo.

Guhuza iyo mitekerereze hari igihe bigora ariko ni byo byujuje ubuziranenge.

Ishimwe Anisie, Umuyobozi w'Umuryango Africa Food Fellowship, yavuze ko guhuriza hamwe abari mu ruhererekane rw'ibiribwa bigamije kwigira hamwe uko ubuhinzi bw'u Rwanda bwatezwa imbere.

Yagize ati: "Turagira ngo baganire bamenye bakora n'uko bakorana kuko ntabwo dukwiriye ko abantu bakora ukwabo. Hari n'abavuga ngo dukorana n'abo duhuje gusa urwego rw'ubuhinzi niba abongerera agaciro ibiribwa bagakora, abari mu guteza imirire bagakorana, nyamara ibibazo biriho bisaba ko abantu bungurana ibitekerezo."

Imibare y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) igaragaza ko ubuhinzi bwagize uruhare rwa 32% ku musaruro mbumbe w'Igihugu mu 2024, buvuye kuri 25% mu 2023, bwiyongereyeho 7%.

Bimwe mu bihingwa byagize uruhare runini mu kwiyongera kw'umusaruro w'ubuhinzi harimo ibihingwa by'ibiribwa byazamutse ku kigero cya 8%, aho ibigori byiyongereye ku kigero cya 30% n'ibishyimbo kuri 18%.




Inzobere mu buhinzi no kongera umusaruro w'ibihingwa batanga inama ko abahinzi bakunganirwa

abahinzi bakwiye gukomeza gushishikarizwa guhuza imikoreshereze y'ubutaka kugira ngo bagire umusaruro uhagije.

Makuza Richard, umwe mu bari muri ibyo biganiro, yavuze ko kwihaza mu bikwiye kugira ngo ubuhinzi butere imbere. Twakora byiza dufatanyije, bigafasha wa muhinzi mutoya."

Yavuze ko kandi hakwiye kwiga ku bungabunga ubutaka buhari niba butanga umusaruro uko bikwiye kandi ibihingwa



Ikibazo cy'imirire mibi n'igwingira mu bana cyahagurukiwe

# MIGEPROF yahawe igihe ntarengwa cyo gukemura ibibazo by'igwingira

NYIRANEZA Judith

***Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF) yahawe igihe cy'amezi 12, ngo ibe ikemuye ibibazo bigaragara mu mirire mibi n'igwingira ry'abana bato.***

Ni umwe mu myanzuro yafashwe kuri uyu wa Kane tariki ya 13 Ugushyingo, ubwo Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite yagezwagaho raporo na Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage ubwo yagenzuraga ikibazo cy'imirire mibi n'igwingira mu bana bato.

Bimwe mu bibazo byagaragaye bituma abana bagaragaraho imirire mibi n'igwingira amarerero akorera mu ngo adakora uko bikwiye, ni ukuvuga adakora buri munsi, atabona amafunguro ahagije kandi yujuje intungamubiri, amahugurwa y'abarezi adahagije, n'ibindi

Ku rundi ruhande hari imyumvire y'abaturage ikiri hasi mu kwita ku bana, ibura ry'inyunganiramirire hamwe na hamwe, bimwe mu bigo nderabuzima bidafite abakozi bashinzwe imirire, imikorere n'imikoranire hagati y'inzego itanoze mu kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana bato.

Hari n'ubuke bw'ibikoresho mu bajyanama b'ubuzima bifashisha mu gufata ibipimo by'abana ndetse n'ibishaje bikeneye gusimbuzwa.

Kuri ibi bibazo byagaragaye, Abadepite basabye ko hakomeza gushyirwa imbaraga mu kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana bato kugira ngo hategurwe ejo hazaza heza h'Igihugu.

Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite yasabye Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), gukemura ibibazo bigaragara muri gahunda yo kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana bato, harimo imitegurire y'indyo ituzuye itanoze, uruhare rw'ababyeyi rutaboneka uko bikwiye, imikorere y'igikoni cy'Umudugudu itanoze n'isuku idahagije bigakorwa mu gihe kitarenze amezi 12.

Undi mwanzuro ni ugukemura ibibazo bigaragara mu mikorere y'ingo mbonezamukurire biboneka mu ngo z'abaturage harimo abatabona ifunguro buri munsi, amahugurwa ku barezi adahaguje n'imfashanyigisho zifasha gukangura ubwonko bw'abana no kubategura kujya mu mashuri abanza mu gihe kitarenze amezi 12.

# EU igiye guha u Rwanda miliyari zisaga 14 Frw yo gufasha impunzi

NYIRANEZA Judith

***Umuryango w'Ibihugu by'Ubumwe bw'u Burayi (EU) watangaje ko ugiye guha u Rwanda miliyari zisaga 14 z'amafaranga y'u Rwanda, yo gufasha kwita ku mpunzi, ngo biteze imbere, habeho impinduka mu mibereho yabo.***

Byagarutsweho na Ambasaderi Belen Calvo Uyarra, ubwo yakirwaga na Minisitiri w'Ibikorwa by'Ubutabazi, Maj. Gen. (Rtd) Albert Murasira, baganira ku kongerera imbaraga ubufatanye busanzwe hagati ya Guverinoma y'u Rwanda na EU mu kurinda no kwita ku mpunzi, gukumira ibiza n'ibindi.

Ambasaderi wa EU mu Rwanda, Belen Calvo Uyarra wari kumwe n'itsinda ry'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi, yamenyesheje Minisitiri Maj. Gen. (Rtd) Murasira, ko EU igiye guha u Rwanda, inkunga ya miliyoni 10 z'Amayero, ni ukuvuga arenga miliyari 14 z'amafaranga y'u Rwanda azifashishwa mu gufasha impunzi.

U Rwanda rwiyemeje gukomeza gufasha no kwita ku mpunzi mu buryo bwose bushoboka aho zifashwa muri gahunda z'iterambere, zikinjizwa muri gahunda z'Igihugu nk'uburezi, ubuzima, imirimo n'ibindi bizifasha mu mibereho.

Ambasaderi w'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi yamenyesheje Minisitiri ko iyo nkunga ari iyo gufasha impunzi kwigira.

Ati: "Inkunga y'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi ingana na miliyoni 10 z'amayero yo gushyigikira ishyirwa mu bikorwa ry'Ingamba zo kuzamura impunzi mu Rwanda, zigamije gufasha impunzi kuva mu bufasha zikajya mu kwiyubaka, zikigira no mu gihe inkunga y'ubufasha yagabanutse."

Minisitiri Maj. Gen. (Rtd) Murasira yashimiye Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi ku bw'inkunga ukomeje gutera impunzi mu Rwanda n'uruhare rwawo mu gukomeza gahunda z'igihugu zo guhangana n'ibiza.

Minisiteri ishinzwe ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA) itangaza ko u Rwanda ruzakomeza gufasha impunzi zose zishaka gutahuka, runasaba ko hashyirwa imbaraga mu bufatanye mpuzamahanga kugira ngo hatagira impunzi zisigara inyuma mu bikorwa by'iterambere.

Minisitiri wa MINEMA, Maj Gen (Rtd) Murasira ubwo yitabiraga Inama ya 76 y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi, UNHCR yabereye i Geneve mu Busuwisi 6-10 Ukwakira 2025) yigiraga hamwe uko hashyirwa imbaraga mu bikorwa byo kurinda impunzi no kuzigezaho ubufasha zikeneye, yavuze ko binashimangirwa na gahunda ya Guverinoma yo kwihutisha iterambere ry'imyaka itanu (NST2).



EU izaha u Rwanda miliyari zisaga 14 Frw zo gufasha kwita ku mpunzi

Iyi gahunda igaragaza uburyo bwo kwinjiza impunzi mu mibereho n'iterambere by'igihugu, kububakira ubumenyi, amahirwe yo kubona akazi, kubafasha kubona serivisi z'imari, ubuzima n'uburezi.

Iyo gahunda inajyanye n'amasezerano Mpuzamahanga yita ku Mpunzi (Global Compact on Refugees), kandi ishimangira impinduka mu kwita ku mibereho myiza y'impunzi mu Rwanda.

Umwaka ushize ni bwo Guverinoma y'u Rwanda ibinyujije muri MINEMA yatangaje ku mugaragaro ko muri uyu mwaka impunzi ziri ku butaka bw'u Rwanda zizajya zivuriza ku bwisungane mu kwivuza Mituweli, nk'uko n'abandi Banyarwanda babwivurizaho.

Ubushakashatsi bwa 'FinScope 2024 Refugee Financial Inclusion Thematic' bwamuritswe muri Kamena 2025, igice cyibanda ku mpunzi, bwagaragaje ko izibarizwa mu Rwanda zigerwaho na serivisi z'imari ku kigero cya 99%.

Imibare igaragaza ko 37% by'impunzi bafite konti muri banki, 62% bakoresha ubundi buryo bwemewe ariko butari banki, mu gihe 42% by'impunzi zikoresha banki ari abagore naho abagabo ari 30%.

Impunzi zirenga 55% zizigamira mu buryo butandukanye, aho 32% zikoresha ibigo bitari banki mu kwizigamira, 31% zizigamira mu buryo butemewe.

Impunzi zigera kuri 85%, (zingana na 54.000) zigaragaza ko zakoresheje serivisi ya Mobile Money ndetse 76% (49.000) zifite konti ya Mobile Money.

Imibare ya MINEMA igaragaza ko 91% by'impunzi banditse mu bitabo by'irangamimerere kandi bafite ikarita ndangampunzi.

Imibare iheruka igaragaza ko u Rwanda rucumbikiye impunzi z'Abanye- Congo n'Abarundi zirenga ibihumbi 140.



Abari muri FDLR 7 baturutse mu mashyamba ya RDC baratahutse

## U Rwanda rwakiriye abarwanyi ba FDLR 7 bari mu mashyamba ya RDC

KAYITARE Jean Paul

***Abarwanyi 7 b'umutwe w'iterabwoba wa FDLR ugizwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 igahitana abarenga miliyoni, bageze mu Rwanda nyuma y'imyaka 30 bari mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, RDC.***

Valerie Nyirahabineza, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Gusezerera no Gusubiza mu Buzima busanzwe Abahoze ari Abasirikare (RDRC), yahamirije Imvaho Nshya ko abo barwanyi RDRC yabakiriye.

Ubutumwa yahaye Imvaho Nshya buvuga ko mu Banyarwanda 49 u Rwanda rwakiriye, 7 gusa muri bo ari abarwanyi naho abandi ari abagize imiryango yabo.

Radio Okapi yatangaje ko aba barwanyi batashye ku bushake bwabo bakaba baragejejwe mu Rwanda ku wa 10 Ugushyingo 2025.

Ivuga ko aba barwanyi nyuma y'iminsi itatu bari mu kigo babamo igihe gito, banyuze ku mupaka munini uzwi nka La Corniche uhuza Umujyi wa Goma muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo n'Umujyi wa Gisenyi mu Karere ka Rubavu.

Kuva mu 2001, RDRC imaze gusubiza mu buzima busanzwe abantu 12 602 bahoze mu mitwe y'inyeshyamba ikorera mu burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Mu bahoze mu mitwe yitwaje intwaro basubijwe mu buzima busanzwe, harimo n'abatahanye n'imiryango yabo.





# Abantu 53 bishwe n'impanuka mu Ntara y'Amajyepfo mu mezi atatu ashize



Mu Ntara y'Amajyepfo habaye impanuka zikomeye 65 zahitanye ubuzima bw'abantu 53

KAMALIZA Agnes

***Polisi y'u Rwanda yatangaje ko mu mezi atatu ashize mu Ntara y'Amajyepfo habaye impanuka zikomeye 65 zahitanye ubuzima bw'abantu 53, zigakomeretsa abandi 43 biganjemo abo mu Karere ka Kamonyi.***

Ni ibyagarutsweho ku wa 11 Ugushyingo 2025, ubwo Polisi y'u Rwanda ku bufatanye n'izindi nzego bari mu bukangurambaga bwiswe 'Turindane Tugereyo Amahoro'.

Ni ubukangurambaga bugamije gukumira impanuka zo mu muhanda n'andi makosa akorerwa mu muhanda ashobora guteza ibyago, bwabereye mu Karere ka Kamonyi mu Ntara y'Amajyepfo y'u Rwanda.

Polisi y'Igihugu itangaza ko Kamonyi ari ko kari ku isonga mu kuberamo impanuka nyinshi aho kihariye 17 ni ukuvuga 26% by'impanuka zabaye mu mezi atatu ashize, kagira 30% by'abantu bose bahasize ubuzima mu gihe abantu 9 muri 43 bako ari bo bakomeretse.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda, ACP Boniface Rutikanga asobanura ko bimwe mu bituma Kamonyi yibasirwa n'impanuka ahanini biterwa na bimwe mu bikorwa by'ubucukuzi bihakorerwa, imiterere y'imihanda n'uburangare bw'abatwara ibinyabiziga.

Yagize ati: "Ni agace karimo ibikorwa byinshi by'ubucukuzi, gusa bishobora no guterwa n'imiterere y'imihanda, ariko mu byukuri ntabwo twabura kuvuga ko n'uburangare burimo kuko ikinyabiziga kirayoborwa ntabwo kiyobora."

Yongeyeho ko ubufatanye bw'abagenzi n'abatwara ibinyabiziga buzatuma impanuka zikumirwa.

Yongeyeho ati: "Abagenzi bafite itafari bashyiraho na bo bakavuga bati Shofe genda neza! Nyir'ikinyabiziga nawe akumva ko imodoka ye ari byo biro bye. Ni yo akoresha agaburira abana n'umuryango, akibuka ko umuntu wese ugenda n'amaguru ari umukiriya we akamurindira umutekano."

Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Kayitesi Alice avuga ko ubukangurambaga ari ngombwa , hakanabaho gufatanya.

Yagize ati: "Umuhanda wacu uberamo impanuka zitwara ubuzima bw'abantu n'ibikorwa remezo bikangirika; ni ngombwa ko twese dufatanya ubukangurambaga."




AfDB yemeje inguzanyo y'inyongera ya miliyari 365 Frw kugira ngo umushinga w'imihanda Busega-Mpigi na Kagitumba-Kayonza-Rusumo urangire

## Imihanda ihuza u Rwanda na Uganda yadindiye yahawe miliyari 365 Frw

KAYITARE Jean Paul

***Banki Nyafurika Itsura Amajyambere (AfDB) yongeye inkunga ya miliyoni 217 z'amayero, ni ukuvuga miliyari 365 Frw, y'umushinga w'imihanda ihuza u Rwanda na Uganda yatinze gukorwa.***

AfDB yemeje inguzanyo y'inyongera ya miliyari 365 Frw kugira ngo umushinga w'imihanda Busega-Mpigi na Kagitumba-Kayonza-Rusumo, ihuza u Rwanda na Uganda yari yaradindiye.

Ni amafaranga azifashishwa mu kwagura ibikorwa byo kubaka umuhanda Busega-Mpigi muri Uganda, ufite ibirometero 27.3.

Muri uyu mushinga harimo kubaka imihanda ihuza uduce, ibiraro bishya, imihanda yunganira, kwishyura ingurane y'ubutaka n'ibikorwa byo gucunga umushinga.

Kongera ibikorwa by'umushinga w'umuhanda Busega-Mpigi, byatumye igice cya Uganda kizamuka kigera kuri miliyoni 424.6 z'amayero, kivuye kuri miliyoni 176.3 z'amayero.

Amasezerano yo kubaka iyi mihanda, mu 2019 yahawe kampani y'Abashinwa izobereye kubaka imihanda izwi nka China Civil Engineering Construction Corporation (CCECC) na China Railway 19th Bureau Group.

Byari biteganyijwe ko imirimo izarangira mu 2022, ariko imirimo iza gutinda kubera ingaruka z'icyorezo cya Covid-19, amakimbirane ku ngurane z'ubutaka, ndetse n'ubutaka bw'ibishanga.

Kugeza mu ntangiriro za 2022, imirimo yari igeze kuri 15% gusa, bituma igihe cyo kurangiza kimurwa inshuro ebyiri mbere ya 2025, ubu byitezwe ko izarangira gukorwa mu 2030.

AfDB ivuga ko aya mafaranga miliyari 365 y'inyongera azatuma hashyirwamo ibiraro bishya 7 na ruhurura ya kirometero 54. Biteganyijwe ko imirimo izasubukurwa mu ntangiriro z'umwaka utaha wa 2026.

Eng George Makajuma, Umuyobozi mukuru ushinzwe ubwikorezi muri AfDB, yagize ati: "Uyu mushinga si umuhanda gusa, ahubwo n'ubuzima ku baturage n'urufunguzo rw'ubucuruzi."

Imihanda nirangira by'umwihariko umuhanda Busega–Mpigi, izagabanya igihe ibinyabiziga byakoreshaga biva Busega kugera Mpigi, bive ku masaha arenga Abiri bigere ku minota 45.

Iyi mihanda izatuma habaho ihangwa ry'imirimo irenga 1 200, mu gihe izaba yubakwa.

# Gatsibo: Umukobwa waminuje yoroye inkwavu ahereye ku 45 000 Frw yihemba 500 000 Frw



Ubworozi bw'inkwavu akora bumuhemba 500 000 Frw ku kwezi, akanakoresha abakozi 3 bahoraho

**HITIMANA Servand**

***Isimbi Shemsa umukobwa wize icyiciro cya gatatu cya kaminuza mu Bushinwa wororera inkwavu mu Murenge wa Kiramuruzi, mu Karere ka Gatsibo avuga ko ubwo bworozi bw'inkwavu yabutekereje mu rwego rwo kwihangira umurimo, ahera ku 45 000 Frw, none mu mezi atanu yihemba 500 000Frw ku kwezi.***

Avuga ko yarangije kwiga akabona nta kazi, abonye, afata gahunda yo Korora inkwavu.

Ati: "Narangije kwiga mbona ntari kubona akazi mu buryo bwihuse mpitamo kukihangira. Nasanze rero ubworozi bw'inkwavu nta bantu benshi babukora mu buryo bwa kinyamwuga nyamara ari amatungo atanga inyama zikenerwa na benshi. Ni muri urwo rwego niyemeje gushora ubwenge n'ubushobozi muri ubu bworozi."

Akomeza avuga ko ubworozi bw'inkwavu bwitaweho bwunguka vuba.

Ati: "Nkirangiza kwiga nkagira igitekerezo cyo korora inkwavu natangiriye ku nkwavu 9. urukwavu rwaguzwe 5 000Frw ubwo inkwavu 9 natanze 45 000. Uyu munsi mfite izigera kuri 500 kandi ndanagurisha.

Ni akazi kampemba ibihumbi bisaga 500 Frw ku kwezi, kakanahemba n'abakozi kuko mfite abakozi 3 bahoraho n'abandi ba nyakabyizi bazishakira ubwatsi, dutunzwe n'ubwo bworozi."

Ishimwe Shemusa avuga ko uko agenda yagura umushinga n'umushahara ku kwezi uzazamuka.

Ati: "Urukwavu noroye ruba rupima hagati y'ibilo 2,5 na 3,5 nkarugurisha 20 000 Frw. Umushahara ndi kubara uyu munsi mfite icyizere ko uzakomeza kuzamuka biturutse ku kwiyongera kw'amatungo no kwaguka k'umushinga."

Umwe mu bakozi, Niyogohozo Fabrice yavuze ko kubona akazi bimufasha gukemura ibibazo bye.

Ati: "Kuba narabonye akazi kwa Shemusa ni inyungu ikomeye kuko ndahembwa ngakemura ibibazo byanjye byo mu buzima bwa buri munsi. Ubu nigurira imyambaro, nkiyishyurira amatsinda yo kwizigamira (ibimina) byatumye ntakomeza kuba umutwaro ku babyeyi. Ndateganya kuzagura ikibanza nkanacyubaka kuko amafaranga nkorera nkizigamira kugira ngo azamfashe kwiteza imbere."

Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Mukamana Marceline ashimira abafata umwanzuro bagahitamo inzira ikwiye ibaganisha ku iterambere.

Ati: "Turashima ibikorwa nk'ibi byitabirwa n'urubyiruko aho bihangira akazi bizabafasha kwiteza imbere bakagira imibereho myiza bo n'imiryango yabo. Shemusa ni urugero rwiza rw'uko wahera kuri bike ugatera imbere. Ikindi ni uko nk'ubuyobozi dushishikariza abafite ibitekerezo by'imishinga, kujya bagana ibigo by'imari bizabafasha gushyira mu ngiro inzozi zabo."


Umushakashatsi ushinzwe amatungo magufi mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr Claire d'Andre avuga ko hari ingamba zo gushyigikira aborozi b'inkwavu hatangwa amahugurwa ku bavuzi bw'amatungo ku ndwara zifata inkwavu hanategurwa imiti yazo.

# Musanze: Muko amavomo yarangiritse bashoka Mukungwa

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abaturage bo mu Murenge wa Muko, akagari ka Mburabuturo mu Karere ka Musanze, bavuga ko bamaze igihe kirekire babangamiwe no kubura amazi meza, ibintu byatumye bajya kuvoma ibirohwa mu mugezi wa Mukungwa, kubera ko amavomo rusange yangiritse n'aho yasigaye ntibabonere amazi ku gihe.***

Abo baturage bavuga ko mu mavomo abiri bari bafite hasigaye rimwe gusa, naryo ritabaha amazi ku gihe, ibintu bituma bamwe bahitamo kujya kuvoma mu mugezi wa Mukungwa, n'ubwo bazi neza ko ayo mazi ashobora kubatera indwara zikomoka ku mwanda, ndetse n'impanuka.



Ivomo ryarangiritse, none bajya kuvoma mu mumugezi wa Mukungwa

Umwe mu bagore bo muri ako gace, avuga kutagira amazi meza bibagiraho ingaruka ku mibereho yabo ndetse n'umutekano wabo kuko bikanga ko amazi yo muri Mukungwa yatwara ubuzima bwabo.

KOMEZA KU RUP.14





# Musanze: Muko amavomo yarangiritse bashoka Mukungwa

IBIKURIKIRA URUP.15

Yagize ati: "Iyo ugiye kuvoma ku ivomo rusange, usanga ntayo, tugahitamo kujya ku mugezi wa Mukungwa. Ariko ayo mazi si meza, rimwe na rimwe aranuka, turabizi ariko nta kundi, ni yo dufite, ikindi duhorana ubwoba ko tuzahaburira ubuzima."

Abaturage bavuga ko ibi bibagiraho ingaruka nyinshi mu buzima bwa buri munsi, nk'uko Twagirayezu Emmanuel, umwe mu rubyiruko rwo muri Musenyi, avuga ko gukoresha amazi mabi nayo y'ibirohwa bigira ingaruka ku buzima bwabo.

Yagize ati: "Kujya kuvoma kuri Mukungwa biratunaniza cyane, by'umwihariko ku bana bato. Hari ubwo abana bagwa mu mugezi bashaka kuvoma, ugasanga n'umutekano wabo ubangamiwe. Nta suku tugira, nta mazi yo gukoresha mu mirimo yo mu rugo, n'abashaka gukaraba birabagora."

Abatuye muri Mburabuturo bavuga ko indwara ziterwa n'umwanda zirimo impiswi n'indwara z'uruhu bakura mu myanda y'amazi yo muri Mukungwa aho usanga ngo bagira imvuvu nyuma yo gukaraba ayo mazi mabi, kubera amazi mabi banywa. Basaba ubuyobozi kubafasha gusana amavomo no kubaka andi mashya kugira ngo bagire amazi meza kandi ahoraho.

Ku ruhande rw'ubuyobozi bwa WASAC bwo buvuga ko bugiye gukurikirana iki kibazo vuba kugira ngo amazi yongere agere ku baturage nk'uko byari bisanzwe nk'uko Umutekinisiye Mukuru wa WASAC ishami rya Musanze Hakolimana Jean de Dieu abivuga

Yagize ati: "Tugiye gusana amavomo yangiritse kandi tunaganirize abashinzwe kuvomesha kugira ngo bajye bahakorera ku gihe. Uvomesha si wo murimo rukumbi aba afite, ariko tugiye kuganira uko byanozwa kugira ngo abaturage babone amazi igihe cyose."

Kugeza ubu, abaturage barasaba ko iki kibazo gikemurwa bidatinze, kuko ngo kuba mu gihe cy'iterambere nk'iki bakivoma amazi mu mugezi utemba, ari ikimenyetso cy'uko bashobora guhura n'indwara z'akarande zikomoka ku mwanda.

# Karongi: 21 biyise 'Abatahajuru' bafatiwe mu rugo rw'umuturage basenga bitemewe



Abiyise Abatahajuru basengera mu ngo bagiriwe inama yo kubireka bakitabira gahunda za Leta

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Abagore 17 n'abagabo 4 biyise 'Abatahajuru' bafatiwe mu rugo rw'umwe muri bo witwa Munyangeyo Isaacar w'imyaka 74, mu Mudugudu wa Kabutare, Akagari ka Kigarama, Umurenge wa Gishyita, Akarere ka Karongi, bahasengera bitemewe, ikaba yari inshuro ya 2 muri uru rugo hafatirwa abahasengera muri ubwo buryo.***

Bafashwe ku bufatanye bw'abaturage, Inzego z'ibanze, n'iz'umutekano, ubwo ubuyobozi bwari muri gahunda isanzwe yo kureba uko imibereho y'abaturage yifashe n'ibikiyibangamira.

Umuturanyi w'urwo rugo wavuganye na Imvaho Nshya yagize ati: "Ni ishuro ya 2 rufatirwamo aba bantu biyita abarokore b'abatahajuru, biyomoye ku itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa 7. Bafashwe ubwo abayobozi bari barugezemo bari muri gahunda isanzwe y'imibereho myiza y'abaturage. Aba basenga bari bahazindukiye mu rukerera batazi ko hari abayobozi bari bubagwe gitumo, batangira gusenga."

Yavuze ko bagifatwa bashyikirijwe polisi sitasiyo ya Gishyita ngo baganirizwe, bigishwe neza gahunda za Leta, cyane cyane ko nta n'imwe bubahiriza, bavuga ko batazemera.

Imvaho Nshya yavuganye n'umwe mu badiventisite bo kuri Ngoma aho mu M urenge wa Gishyita, avuga ko babiyomoyeho bahitamo kujya basengera ahandi hatandukanye.

mu mashyamba,ibihuru cyangwa mu rugo rw'uwemeye kubakira,bavuga ko idini ryabo ari ijambo ry'Imana, batemera gahunda nyinshi za Leta bita iyo mu isi.

Ati: "Ntitwemera insengero kuko zubatse mu Isi, mituweli ni ishyirahamwe kandi amashyirahamwe yo mu Isi yanduye ntitugomba kuyayoboka. Hari abarwara muri bo bakivuza mu mavuriro biyishyuriye 100%, abandi bakavuga ko imiti yo mu nganda zo mu Isi Imana yayibujije,iyemewe ari iy'ibyatsi."

Anavuga ko bavuga ko batagira ubayobora wo mu Isi, bose bareshya, umuyobozi wabo ari Umwuka Wera, gusa abana bo bakemera kubajyana mu mashuri,ariko ko n'ibiryo hari ibyo batarya.

Abaturage b'Umurenge wa Gishyita bavuga ko abafite imyumvire nk'iyi bahari, kimwe no mu Murenge wa Mahembe, Akarere ka Nyamasheke, banga kwikingiza n'izindi gahunda za Leta, bananga gusengera ahagaragara.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gishyita, Niyigena Afisa, yabwiye Imvaho Nshya ko ubwe yiganiriye na bo bakimara kubafata, akumva bafite imyumvire iteye impungenge.

Ati: "Jye ubwanjye nafashe umwanya wo kubigisha, mbabaza itegeko ry'Imana ribabwira kutubahiriza gahunda za Leta no kutajya mu nsengero kandi Leta n'amatorero bishyirwaho n'Imana, numva ibyo bashubiza bakeneye kwigishwa bihagije bagahinduka."

Avuga ko bavuga ko ari abatahajuru kuko imitekerereze yabo atari iyo mu Isi.

Ati: "Twahise tubazana kuri sitasiyo ya Polisi ya Gishyita ngo bajyanwe muri Transit center bigishwe indangagaciro z'umuco nyarwanda, banakurwemo iyo myumvire iyobya bafite."

Avuga ko usanga umubare munini ari abagore baba bataye abagabo n'abana mu ngo bakiruka inyuma y'ababashuka,bababwira kudakora umuganda n'ibindi bikorwa rusange.

Yasabye abaturage kujya batangira amakuru ku gihe aho bumvise abasenga batyo no guhindura imyumvire.

# Musanze: Abayobozi b'Akagari ka Cyabagarura bafunzwe bakekwaho ruswa



Muri Cyabagarura umuturage asabwa kubaka inzu nibura mu minsi 3 ikaba yuzuye, bamwe babanza gukora igisenge

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage bo mu Kagari ka Cyabagarura, Umurenge wa Musanze, bavuga ko banyuze mu bihe bikomeye mu gihe bayoborwaga n'abayobozi bakekwaho ruswa mu myubakire, ikimenyane n'imikorere mibi, kuri ubu 4 bafunzwe nyuma yo gutabwa muri yombi.***

Bavuga ko n'ubwo bababajwe n'uko ibyo abayobozi babo babakoreye byabagizeho ingaruka, kubaka inzu mu buryo butemewe n'amategeko; yasabwaga nibura kuba ayujuje mu gihe kitarenze iminsi 3 gusa akaba amaze kuyisakara no gutera igishahuro, bishimira ko ubutabera butangiye gukora nyuma y'igihe bamaze bahabwa serivisi mbi.

Aba bayobozi barimo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari, Umukozi ushinzwe Imibereho Myiza n'Iterambere mu Kagari (SEDO), Abakuru b'Imidugudu babiri, ndetse na DASSO bafungiye kuri sitasiyo ya Polisi Cyuve, aho bakurikiranweho ibyaha binyuranye bijyanye n'imikorere mibi na ruswa.

Abaturage bavuga ko kugira ngo umuntu yubake, azabashe guhabwa amafaranga y'ubudehe cyangwa akemurirwe ikibazo byasabaga gutanga ruswa n'iyo yaba ari nto.

Umwe mu baturage, utifuje ko amazina ye atangazwa kubera impamvu z'umutekano, yagize ati: "Muri Cyabagarura ntawashoboraga gukora ikintu na kimwe utabanje gutanga amafaranga. Ushaka kubaka urugo, bagusaba 5 000 Frw cyangwa 10 000 Frw kugira ngo Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashyire umukono ku cyangombwa. Utayabonye, inzu yawe bayisenya bavuga ngo wubatse mu kajagari ni ikibazo gikomeye."

Undi muturage na we yongeyeho agira ati: "Njyewe nari mu batishoboye bagombaga guhabwa amafaranga y'ubudehe, ariko bambwiye ko ntayabona ntishyuye 5 000 Frw. Ibyo byambabaje cyane kuko ayo mafaranga nari kuyakoresha mu kugaburira abana. Ubuyobozi bwari bwarahinduye Akagari, mu buryo nta cyizere umuturage yabagiriraga."

Abaturage bavuga ko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari, Umukozi ushinzwe Imibereho Myiza n'Iterambere mu Kagari (SEDO) batavugaga rumwe, kandi ayo makimbirane yabo ari yo yavuyemo umuvundo mu micungire y'akazi, aho umwe yatangaga uruhushya rwo kubaka atabajije undi, bitewe n'inyungu bwite, undi akaza akabisenya.

Hari n'abavuga ko abo bayobozi bari barabaye nk'ibikomangoma mu Mudugudu, aho abaturage bababwiraga amakuru y'ibyaha cyangwa ubujura, ntibabyiteho.

Umukecuru wo mu Mudugudu wa Bukane yagize ati: "Twavugaga ko hari ibisambo byaduteye, bakatubwira ngo ntimugaheshe Akagari amanota mabi. Twari twarabuze aho twerekeza. Iyo ugiye kwa Gitifu, akakubwira ngo uzagaruke ejo birababaza."

Akomeza agira ati: "Niba barengana nibarekwe, ariko niba koko barazengereje abaturage, nibahanwe. Twe twarababaye imyaka myinshi. Turashaka abayobozi batwumva, batadusaba amafaranga kugira ngo dukemurirwe ibibazo."

Abaturage bavuga ko kuba aba bayobozi bafashwe ari ikimenyetso cy'uko ubuyobozi bukuru bukomeje kumva ijwi ry'abaturage, kandi bizatuma n'abandi bayobozi bahigira isomo.

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze, Nsengimana Claudien, yemeje ko aba bayobozi bafunzwe bakekwaho ibyaha byerekeranye n'imikorere mibi n'uburangare bukabije mu mirimo bashinzwe.

Yagize ati: "Ni byo koko, aba bayobozi bakurikiranyweho imikorere idahwitse. Hari aho abaturage bubakaga ahagenewe ubuhinzi, kandi abayobozi b'Akagari babishyigikiye. Iperereza riracyakorwa, ariko kugeza ubu abakekwa ni batanu: Gitifu, SEDO, Abakuru b'imidugudu babiri na DASSO."

Yakomeje asaba abaturage kujya basaba ibyangombwa byabo binyuze ku Irembo, kandi bakabanza kubona ubutumwa bugufi bubyemeza mbere yo gutangira ibikorwa byabo.

Yagize ati: "Ubuyobozi ntibwihanganira abayobozi bijandika muri ruswa. Turashaka abayobozi batanga serivisi nziza, bubaha abaturage kandi bagakorera mu mucyo."

Umuvugizi wa Polisi mu Ntara y'Amajyaruguru, IP Ngirabakunzi Ignace, yemeje ayo makuru avuga ko aba bayobozi bafunzwe ari yo kandi ko iperereza rikomeje.

Yagize ati: "Ni byo koko, abo bayobozi bafunzwe bakekwaho ibyaha bitandukanye. Bari kuri sitasiyo ya Polisi ya Cyuve, kandi iperereza riracyakomeje. Duhora dusaba abayobozi bose kwirinda ibikorwa byatuma bagongana n'amategeko."

Abaturage bavuga ko n'ubwo bababajwe n'uko abayobozi babo bageze aho bafungwa, bifuza ko ubutabera bukora akazi kabwo mu mucyo, kugira ngo hazabeho isomo rikomeye ku bandi bayobozi bakirengagiza inshingano zabo.

# Nyagatare: Rwempasha biteguye kubyaza umusaruro kaburimbo ya 18 Km

HITIMANA Servand

***Abaturiye umuhanda Nyagatare- Kizinga uhuza Akarere ka Nyagatare na Uganda barishimira ko uri gushyirwamo kaburimbo aho biteguye ko uzabafasha mu bikorwa byabo bibyara inyungu ndetse no kunoza imibereho yabo.***

Umuhanda uva mu mujyi wa Nyagatare ukagera ku mupaka wa Kizinga wari usanzwe ari igitaka. Abawukoresha bavuga ko wabagoraga yaba mu bihe by'imvura no ku zuba, barashima ko uri gushyirwamo kaburimbo bakazawukoresha mu kwiteza imbere.

Sam Cyakabare yagize ati: "Uyu muhanda turawukoresha cyane, yaba kugeza umusaruro w'ubuhinzi ku isoko ndetse n'umukamo w'inka zacu. Twahuraga n'imbogamizi rero kuko mu mvura ibinyabiziga byanyereraga, yemwe n'umunyamaguru kuhaca bikaba intambara aho bajambagiraga mu cyondo, ku zuba nabwo haca imodoka, umuhanda ukabudika ivumbi nturebe imbere yawe."

Akomeza agira ati: "Kuba dushyiriwemo kaburimbo ni ishimwe rikomeye kuko tugiye guca ukubiri na za mbogamizi navuze. Twiteguye kuwubyaza umusaruro dukora ubucuruzi bwacu neza ndetse umusaruro ukagera ku isoko utangiritse."

Muhumuza Amos ugemura

KOMEZA KU RUP.17





# Nyagatare: Rwempasha biteguye kubyaza umusaruro kaburimbo ya 18 Km

IBIKURIKIRA URUP.16

amata mu mujyi wa Nyagatare yagize ati: "Iyi kaburimbo twari tuyinyotewe. Nka njye bizamfasha kugeza umukamo i Nyagatare kuko twatinyaga ubunyereri tugategereza ko humuka hari igihe amata yangirikaga kubera kuyatindana. Ikindi kuyatwara nabi mu binogo agenda yicundagura nabwo yataga ubuziranenge. Uyu muhanda ugiye kudufasha gukorera amafaranga ibihombo twagiraga biveho."



Umuhanda Nyagatare- Kizinga uri gukorwa, bawitezeho kuzawubyaza umusaruro

Mukanyirigira Anisia na we yagize ati: "Uyu muhanda uzadufasha mu bucuruzi kuko iyi nzira iduhuza n'abaturanyi bo muri Uganda, aho bazazana ibicuruzwa tugahaha natwe tugacururizayo ibyacu. Ni inyungu kandi kubafite ibikorwa by'ubucuruzi mu masantere ucamo, kuko ukwiyongera k'urujya n'uruza ruzamura ubucuruzi."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu Matsiko Gonzague, avuga ko ikorwa ry' umuhanda rigeze kuri 70% ukazafasha abaturage mu kwiteza imbere no kugera kuri serivisi zitandukanye.

Ati: "Ni umuhanda uri mu gice gikorerwamo ubuhinzi n'ubworozi ukazatuma twongera ibyinjizwa n'abaturage bacu. Uzatuma imibereho y'abaturage irushaho kuba myiza kuko bazabasha kugera ahari serivisi bakeneye nko ku mavuriro, kuri banki no ku masoko. Turasaba abaturage kwitegura kubyaza umusaruro aya mahirwe begerejwe."

Uwo muhanda w'ibilometero 18.5, biteganyijwe ko uzuzura muri Gicurasi umwaka utaha ukazatwara ingengo y'imari ya 3 055 555 950 Frw

# Rusizi: Yafatanywe imiti mu nzu y'usanzwe amukeka kumusambanyiriza umugore

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Kuri sitasiyo y'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) ya Nyakabuye mu Karere ka Rusizi hafungiye Ndayisabye Ernest w'imyaka 46, nyuma yo gufatirwa mu nzu y'umuturanyi we Sinayobye Théphile amukekaho kumusambanyiriza umugore witwa Mukahigiro Immaculée w'imyaka 47, uyu mugabo akanasanganywa imiti n'ibikoresho byo kwa muganga.***



Yafatiwe mu rugo rw'umuturanyi umukekaho kumusambanyiriza umugore

Umuturanyi wa Sinayobye wahaye aya makuru Imvaho Nshya, yavuze ko bahurujwe na Sinayobye wari umaze igihe avuga ko afite ibimenyetso by'uko Ndayisabye amusambanyiriza umugore ariko atarabafata, akaba noneho yabafatiye iwe mu nzu yanabakingiranye.

Ati: "Uyu Ndayisabye Ernest yafatiwe mu nzu ya Sinayobye mu Mudugudu wa Mpinga, Akagari ka Cyingwa mu Murenge wa Gitambi. Sinayobye ni we wahuruje avuga ko abifatiye, anasize abakingiranye, ko yari asanzwe abakeka ariko atarabafatira mu cyuho."

Yavuze kandi ko uwo wafashwe uretse gusenya urugo rwa mugenzi we wabikekagaho asanzwe anavugwaho gukuriramo abagore n'abakobwa inda mu buryo bwa magendu.

Ati: "Agifatwa yasanganywe iyo miti tutamenye ubwoko bwayo, aho ayigurira n'icyo ayikoresha, cyane cyane ko atari umuganga ntanabe umujyanama w'ubuzima, hakaba abaketse ko yaba yarateye inda uwo mugore wa mugenzi we, akaba yari aje kuyimukuriramo rwihishwa."

Undi muturanyi wo mu mudugudu wa Mpinga waganiriye na Imvaho Nshya, yavuze ko inkuru ikiba kimomo abaturage bahuruye bashaka kwica urugi ngo bamusangemo bamwihanire, ubuyobozi burahagoboka.

Ati: "Ubuyobozi bumaze kumwamururaho abaturage, yagejejwe ku biro by'Akagari ka Cyingwa, bamusatse bamusangana imiti y'amoko anyuranye n'ibikoresho byinshi byo kwa muganga, igihe bakimubaza iby'iyo miti abacamo ariruka, bamwirukaho bamufatira mu mudugudu wa Mugenge baramugarura."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gitambi Manirarora James, yabwiye Imvaho Nshya ko uwo mugabo agifatwa, akanasanganwa iyo miti n'ibikoresho byo kwa muganga, yashyikirijwe RIB, sitasiyo ya Nyakabuye.

Ati: "Iby'abavuga ko yari azanye iyo miti kumukuriramo inda yaba yaramuteye byo ntitwabihamya nk'ubuyobozi, cyane cyane ko tutazi niba anatwite kandi n'iyo yaba atwite tumuzi nk'ubana n'umugabo we nubwo baba bafitanye amakimbirane ariko barabana."

Yongeyeho ati: "Icyo twakoze ni ugukiza uwo mugabo abaturage bari bafite ubukana bwinshi tumushyikiriza RIB, sitasiyo ya Nyakabuye ari ho afungiye,hamwe n'iyo miti n'ibyo bikoresho byo kwa muganga. Umugore tumujyana ku kigo nderabuzima cya Mashesha, kimwohereza ku bitaro bya Mibilizi kugira ibindi bisuzuma. "

Manirarora yavuze ko bombi bagikurikirwa muri iyo nzu birinze kugira icyo bahita batangariza ubuyobozi, akizera ko ubwo uwo mugabo ari mu maboko ya RIB byose azabisobanura.

Yasabye abaturage kwirinda ikiganisha ku ngeso mbi cyose, anabibutsa ko gushaka kwihanira ari ikosa, niba hari abafitanye amakimbirane cyangwa ikindi kibazo,ubuyobozi buhari ngo bugikemure, cyangwa butange ubundi bujyanama igihe kubikemura byaba binaniranye.

HITIMANA Servand

# Bugaragara bashima serivisi zo kumenya igitsina cy'umwana akiri mu nda

***Abagana ikigo nderabuzima cya Bugaragara mu Murenge wa Rwimiyaga, mu Karere ka Nyagatare bavuga ko bishimiye kuba baregerejwe serivisi yo gupima ababyeyi batwite bakamenya igitsina cy'umwana bazabyara.***

Hari abavuga ko ari ubusirimu bumvaga ahandi, kikaba ikimenyetso cy'iterambere bakomeje kugezwaho n'ubuyobozi bwiza.

Mukantagara Juliet yagize ati: "Twari dusanzwe tuza kwipimisha uko biteganywa ku mubyeyi utwite, harebwaga uko umwana akura ntitwabwirwaga niba tuzabyara umukobwa cyangwa umuhungu. Twabyumvanaga abanyakigali n'abandi basirimu. Turishimye cyane kuba iri terambere natwe ritugezeho muri iki cyaro."

Hari abaruhuwe ingendo ku bakeneraga iyi serivisi.

Mariya Mugabirwa yagize ati: "Njye nari nsanzwe njya gukoresha ekogarafi. Gusa byamvunaga kuko ku mwana wa mbere nagiye i Kiziguro mu Karere ka Gatsibo. Ni serivisi ubusanzwe ziba ku bitaro aho aba ari kure, bigatuma nta bantu benshi bazikoresha kubera igiciro cy'urugendo."



Ababyeyi bashima ko begerejwe serivisi ituma hamenyekana igitsina cy'umwana ukiri mu nda

Akomeza agira ati: "Kuba rero twegerejwe iyi serivisi ni iby'agaciro, aho bizorohereza abasanzwe bazikoresha ndetse n'abatari bazi ko bikorwa bazazigana."

Aba baturage bavuga ko kumenya igitsina cy'umwana utwite bizababafasha mu igenamigambi.

Kakuze Drocelle yagize ati: "Iyo uzi umwana uzabyara bituma uteganya ibizakenerwa biberanye na we. Urabona nk'ibishora byo guteruriramo umwana, buriya bigira ibara ku mukobwa cyangwa ku muhungu. Ubu rero birakemutse umubyeyi azajya ategura imyambaro y'uruhinja azi neza niba agurira umuhungu cyangwa umukobwa."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Gasana Stephen, avuga ko ibi bikorwa byo mu rwego rw'ubuzima bigamije kongera ibikorwa remezo bifasha mu gutanga serivisi z'ubuzima zinoze.

Ati: "iyi ni gahunda ya Leta yo gukomeza kugeza serivisi z'ubuzima ku baturage mu buryo butavunannye. Ni serivisi twifuza ko uko ubushobozi bugenda buboneka zizagezwa n'ahandi mu bigo nderabuzima. Turasaba abagenerwabikorwa gukoresha aya mahirwe begerezwa akagira umumaro."

Kugeza ubu Akarere ka Nyagatare gafite ibigo nderabuzima bigera kuri 20 bisanzwe binatangirwamo serivisi zo kwita ku babyeyi batwite. Ni mu gihe hari ibitaro bibiri ibya Nyagatare n'ibya Gatunda ari naho abakenera guca mu cyuma babonera serivisi.

# Musanze: Abaturiye urugomero rwa Mukungwa II baheze mu kizima

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Hashize imyaka 12 abaturage bo mu Mudugudu wa Karambi, Akagari ka Bikara, Umurenge wa Nkotsi mu Karere ka Musanze, baturiye urugomero rwa Mukungwa II, babaye mu mwijima batagira umuriro w'amashanyarazi.***

Bavuga ko bababazwa nuko ari bo begereye urwo rugomero rutanga amashanyarazi mu bice byinshi byako Karere, nyamara bo bakaba bibanira n'urumuri rw'udutadowa, nyamara amapoto na taransiforomateri bishinze mu mirima yabo ndetse insinga zikabanyura hejuru.

Ntibanyendera Felicien, umwe mu batuye muri ako gace, yagize ati: "Iyo turebye insinga z'amashanyarazi zijya mu bindi bice, ukabona zinyura hejuru y'inzu yawe urababara cyane. Twe ntitugira urumuri, abana biga nijoro bicaye ku dutadowa, abandi batabonye peteroli ubwo bariryamira ntabwo basubira mu masomo neza, twifuza amashanyarazi hano."

Nyiraneza Vestine, avuga ko kuba nta muriro bafite bibagiraho ingaruka nyinshi, harimo no kuba umutekano wabo uhungabana kubera umwijima uba uhari.

Yagize ati: "Ibisambo bitwibira inka n'ibindi byacu kuko nta rumuri ruba ruri mu rugo, wumva imirindi y'ibisambo wakurikira ugaheba kuko hari n'ubwo tubanyuraho bihishe ku nsina. Iyo ukeneye gucaginga telefone ugenda ibilometero byinshi, kandi utwaye amafaranga 200 kugira ngo ucaginge."

Abaturage bavuga ko bamwe baguze imirasire y'izuba, ariko ingufu zayo zitamara kabiri bitewe n'uko ubukene butabemerera kugura ibyuma bifite ubushobozi buhagije, bwo kubika umuriro.

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze, Nsengimana Claudien yavuze ko yemera ko iki kibazo bakimenye, ariko ko bagiye kureba koko niba bari mu gace kagenewe imiturire

Yagize ati: "Iki ni ikibazo kiraje ishinga Akarere; umuturage atagezwaho ibikorwaremezo biratubabaza, kuri ubu rero tugiye kuzabasura turebe koko niba ako gace karagenewe imiturire, kuko ntabwo hagenewe ubuhinzi, ubuhumekero bw'umujyi se hakwiye guturwa."

Yongeraho ati: "Ndabizeza ko ngiye kubikurikirana nkareba koko niba bikwiye ko bahabwa umuriro, ubwo dusanze ari byo twabiganiraho na REG kuko dufite umushinga mugari uzageza abaturage ku mashanyarazi."

Umuyobozi wa REG, Ishami rya Musanze, Eng. Batangana Regis, avuga ko iki kibazo batari bakizi ariko ko bagiye gusura aho abaturage bavuga ko bafite iki kibazo, harebwe uburyo haboneka igisubizo kirambye bahabwe umuriro w'amashanyarazi.

Yagize ati: "Tugiye gusura aho hantu turebe icyateye ikibazo, cyo kuba aba baturage bamaze iyi myaka yose nta muriro bagira; hanyuma dukorane n'abashinzwe imishinga muri REG; hafatwe umurongo uhamye wo gukemura iki kibazo. Turasaba abaturage kwihangana mu gihe iki kibazo kirimo gushakirwa umuti."

Kugeza ubu, abaturage bo muri Karambi barasaba ko nibura umuriro bakora bawugezwaho mbere y'uko umwaka urangira, kuko bavuga ko kubaho batabona urumuri ari nko kuba mu buzima bwo mu gisekuru cyashize, nyamara bari mu gihe cy'iterambere n'ikoranabuhanga.



Urugomero rwa Mukungwa ruri mu Mudugudu wabo ariko nta muriro bagira





## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Kicukiro

AKARERE KA KICUKIRO
UMURENGE WA GATENGA

Ref.nº..476.../10/.11/25
Gatenga, kuwa 10/11/2025

ITANGAZO RY'AMASOKO

Umurenge wa GATENGA uratumira ba rwiyemezamirimo bujuje ibyangombwa kandi babishoboye kuza gupiganira amasoko akurikira:

| Nº | Izina ry'isoko | Numero y'isoko | Umunsi n'isaha yo gutangira kugura ibitabo | Umunsi n'isaha yo kwakira ibitabo | Umunsi n'isaha yo gufungura ibitabo |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Isoko ryo kugemura ibikoresho by'ubwubatsi no gusana inyubako z'umurenge wa gatenga | P000011/2025/2026/GAT | 12/11/2025 saa 10:30am | 20/11/2024 Bitarenze saa yine za mu gitondo (10:00 am ) | 20/11/2025 saa 10:30am |
| 2 | Isoko ryo gutwara abantu n'ibintu | P000014/2025/2026/GAT | 12/11/2025 saa 10:30am | 20/11/2025 Bitarenze saa yine za mu gitondo (10:00 am ) | 20/11/2025 saa 10:30am |
| 3 | *Isoko ryo gugemura ibikoresho bya siporo, inkweto n'imyenda y'abakozi, nibindi...* | P000015/2025/2026/GAT | 12/11/2025 saa 10:30am | 20/11/2025 Bitarenze saa yine za mu gitondo (10:00 am ) | 20/11/2025 saa 10:30am |

Inyandiko zikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa ziboneka mu Bunyamabanga bw'Umurenge wa Gatenga mu minsi yose y'akazi guhera kuwa 12/11/2025 nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga ibihumbi icumi (10,000frw) adasubizwa kuri buri soko uwifuza gupiganwa yahisemo, akishyurwa kuri konti ya Rwanda Revenue Authority (RRA).Inyandiko zipiganira isoko zizakirwa mu biro by'Ubunyamabanga bw'Umurenge wa Gatenga kuwa 20/11/2025 bitarenze saa yine za mu gitondo (10:00 am) , inyandiko zipiganira isoko kandi zigafungurwa kuwa 20/11/2025 saa yine n'igice za mu gitondo (10:30 am). Nta nyandiko izakirwa nyuma y'igihe cyavuzwe.

Bikorewe Gatenga kuwa 10/11/2025

**MUGISHA Emmanuel**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gatenga

www.kicukiro.gov.rw Email: gatenga@kicukiro.gov.rw 0788301904

## ITANGAZO RY'ISOKO

Croix-Rouge Rwandaise
Rwanda Red Cross

Organisme d'Intérêt publique
Auxiliaire des Pouvoir Publics
B.P. 425 Kigali-Rwanda
E-mail: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.rwandaredcross.org

Date: 03/11/2025
Ref:.302../0107/ SG/2025

TENDER NOTICE

**Tender Reference Nº: 006-DAT-CIRCULAR ECONOMY-2025-2026**

**Client : Rwanda Red Cross**

**Project : CIRCULAR ECONOMY**

**Contract title : Tender for provision of visibility materials**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") with support of Spanish Red Cross of Red Cross through its Circular Economy Project intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for provision of Visibility materials.of which complete technical specifications are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender in the table above .

Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon , upon presentation of proof of payment of a non refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG.opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **20th /11/2025** at **2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm Late bids will not be accepted.

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

**KARAMAGA Apollinaire**
Secretary General of Rwanda Red Cross

Gira Umutima Utabara

## ITANGAZO RY'ISOKO

Croix-Rouge Rwandaise
Rwanda Red Cross

Date: 03/11/2025
Ref:.303../0107/ SG/2025

Organisme d'intérêt publique
Auxiliaire des Pouvoir Publics
B.P. 425 Kigali-Rwanda
E-mail: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.rwandarecross.org

TENDER NOTICE

**Tender Reference Nº: 005-DAT-ECHO-2025-2026**

**Client : Rwanda Red Cross**

**Project : ECHO**

**Contract title : Tender for provision of bar soap**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") with support of International Federation of Red Cross through its ECHO Project intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for provision of bar soap .of which complete technical specifications are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender in the table above .

Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon , upon presentation of proof of payment of a non refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG.opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **20th /11/2025** at **2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm Late bids will not be accepted.

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

**KARAMAGA Apollinaire**
Secretary General of Rwanda Red Cross

Gira Umutima Utabara

## ITANGAZO RY'ISOKO

Croix-Rouge Rwandaise
Rwanda Red Cross

Date: 03/11/2025
Ref:.304./0107/ SG/2025

Organisme d'intérêt publique
Auxiliaire des Pouvoir Publics
B.P. 425 Kigali-Rwanda
E-mail: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.rwandaracross.org

TENDER NOTICE

**Tender Reference Nº: 004-DAT-ECHO-2025-2026**

**Client : Rwanda Red Cross**

**Project : ECHO**

**Contract title : Tender for provision of full kitchen set**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") with support of International Federation of Red Cross through its ECHO Project intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for provision of full kitchen set .of which complete Terms of Reference are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender in the table above .

Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon , upon presentation of proof of payment of a non refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG.opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **20th /11/2025** at **2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm Late bids will not be accepted.

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

**KARAMAGA Apollinaire**
Secretary General of Rwanda Red Cross

Gira Umutima Utabara

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**REPUBLIC OF RWANDA**
**RWANDA AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES DEVELOPMENT BOARD**
**Office of the Chief Finance Officer**
**HUYE-RWANDA**

On…10…/…11…/2025
Ref: N°01.11/0183/025/UC/CFO

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA YO KUGURISHA IBIKORESHO BISHAJE MURI STATION ZA RAB**

Ikigo Gishinzwe Iterambere ry' Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB), kiramenyesha abantu bose ko hazatezwa cyamunara y'ibikoresho bishaje n'amatungo muri station zikurikira: Songa, Rubona, Nyagatare, Gishwati, Rwerere na Gakuta Stations;

Cyamunara izaba mu byiciro bitandukanye kuva tariki ya **25 kugeza 28 Ugushyingo 2025**, cyamunara izakorwa ku masaha agaragazwa mu mbonerahamwe ikurikira:

| Umunsi | Station | Aho cyamunara izabera | Ikizagurishwa | Amasaha cyamunara izakorerwa |
|---|---|---|---|---|
| 25/11/2025 | Songa | Songa | Inka | 11:00h_3h:00 |
| 26/11/2025 | Rubona | Rubona station | Inka | 11:00h_3h:00 |
| 27/11/2025 | Gakuta | Rufungo site | Ibikoresho bishaje | 11:00h_3h:00 |
| 28/11/2025 | Gishwati | Gishwati station | Intama, Inka | 11:00h_3h:00 |
| 25/11/2025 | Rwerere | Rwerere station na Masogwe site | Ibikoresho bishaje | 11:00h_3h:00 |
| 26/11/2025 | Nyagatare | Nyagatare Karama farm | Inka | 11:00h_3h:00 |
| 27/11/2025 | Nyagatare | Nyagatare karama farm | Ihene | 11:00h_3h:00 |
| 28/11/2025 | Nyagatare | Nyagatare | Ihene | 11:00h_3h:00 |

Ikigo RAB kiramenyesha ko uzatanga igiciro gishimishije kurusha abandi agomba kubahiriza ibi bikurikira mbere y'uko ahabwa uburenganzira bwo gutwara ibikoresho azaba yatsindiye:

**REPUBLIC OF RWANDA**
**RWANDA AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES DEVELOPMENT BOARD**
**Office of the Chief Finance Officer**
**HUYE-RWANDA**

- Kwishyura CASH ako kanya ibikoresho yatsindiye amafaranga angana na 30 % y'agaciro kose kabyo, asigaye akayishyura bitarenze iminsi itatu y'akazi kuri konti ya RAB revenue, akazanira ababishinzwe icyemezo kigaragaza ko yishyuye(Bank slip);
- Nyuma y'uko ibikoresho biguzwe byishyuwe, ipakira n'itwarwa ryabyo bivanwa muri station ya RAB bigomba kubahiriza amategeko n'amabwiriza ariho mu Gihugu.
- Abifuza gusura ibyo bikoresho bizajya bikorwa buri munsi aho ibyo bikoresho biherereye mu masaha y'akazi yemewe.

Abifuza ibindi bisobanuro bahamagara kuri nimero zikurikira:

**Tel:0788244034**

Bikorewe i Huye, kuwa 3 Ugushyingo 2025

**UMUTONI Clarisse**
**Chief Finance Officer**

*P.O.BOX: 5016 KIGALI* *Website:www.rab.gov.rw*

## ITANGAZO RY'ISOKO

MUBUGA TECHNICAL SECONDARY SCHOOL
KARONGI-MUBUGA, Tel:0783239310
Email: mubugatss@gmail.com

**ITANGAZO RY'AMASOKO No 02/25-26/ MU TSS**

Ubuyobozi bw' ishuri rya Mubuga TSS, bufatanyije n'akanama gashinzwe gutanga amasoko, buramenyesha ba Rwiyemezamirimo kugiti cyabo cyangwa kampani n'amakoperative babifitiye ibyangombwa, babishaka kandi babishoboye ko bushaka gutanga isoko ry' ibikoresho byifashishwa mu kwigisha amasomo y' ubumenyinyingo (Training consumables) ishami ry' amashanyarazi (electrical technology) n' ishami ry' ikoranabuhanga (Software development).

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa muragisanga mu biro by' ubunyamabanga bw'ishuri kuva ku wa 11 Ugushyingo 2025 mu minsi y'akazi. Ibitabo bikubiyemo ibiciro bizagezwa mu biro by' ubunyamabanga bw'ishuri bitarenze 01 Ukuboza 2025 saa tatu (09h00) zuzuye. Gufungura inyandiko mu ruhame ni kuwa 01 Ukuboza 2025 saa tatu n'igice (09h30) zuzuye, ku cyicaro cy' ishuri.

Buri wese mubifuza gupigana yishyura amafaranga ibihumbi icumi (10,000frw) adasubizwa yo kugura igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa, kuri compte y' ishuri **N0. 900019627900** iri muri Koperative Umwalimu SACCO.

**MUBUGA Kuwa 11/11/2025**

**DUSABIMANA Jean Baptiste**

**Umuyobozi wa MUBUGA TSS**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HARANGIZWE ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU MURI RDB GIFITE NUMERO: **025-221365 NO 00905/2025/RCV/ORG)** CYO KUWA **17/10/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HAGAMIJWE KWISHYURA UMWENDA WA BANKI;

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE **M^e KARARA Emmanuel** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA KU NSHURO YA MBERE UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU YO GUTURAMO IRI MUKIBANZA GIFITE **UPI: 1/03/10/01/3707** GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA **INDATWA**, AKAGARI KA KAMASHASHI , UMURENGE WA **NYARUGUNGA**, AKARERE KA **KICUKIRO**, INTARA UMUJYI WA KIGALI, KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI ;

**UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA:**

| CYAMUNARA | UMUNSI/ UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO, IKANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO 1 | 10/11/2025 SAA MUNANI ZA MANYWA IRANGIRE TARIKI 17/11/2025 SAA MUNANI ZAMANYWA | SAA MUNANI 14H00 |
| INSHURO 2 | IZATANGIRA KUWA 19/11/2025 IRANGIRE TARIKI 26/11/2025 SAA MUNANI ZAMANYWA | SAA MUNANI 14H00 |
| INSHURO YA 3 ARINAYO YA NYUMA | IZATANGIRA KUWA 28/11/2025 IRANGIRE TARIKI 05/12/2025 SAA MUNANI ZAMANYWA | SAA MUNANI 14H00 |

UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BUNGANA NA **$M^2$ 535**(sqm). UKABA UFITE AGACIRO KANGANA NA **(104,226,332 frw).INGWATE Y'IPIGANYWA INGANA NA 5% N'UKUVUGA 5,211,316.6 frw** YISHYURWA KURI KONTI YA MIMIJUSTIN
CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA, ABIFUZA GUPIGANWA BAZABIKORA BACIYE K'URUBUGA: WWW.CYAMUNARA.GOV.RW.

GUSURA UMUTUNGO BIZAJYA BIKORWA MU MINSI NO MU MASAHA Y'AKAZI.

- ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NUMERO YA TELEPHONE IGENDANWA IKURIKIRA: **0788830615**
- IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA RIBONEKA K'URUBUGA : WWW.CYAMUNARA.GOV.RW

N.B: UZABA YATSINDIYE KWEGUKANA UYU MUTUNGO AZISHYURA ACISHIJE UBWISHYU BWE KURI KONTI N°: konti **N° 7081177** yanditse mumazina ya Me **KARARA Emmanuel** iri muri **CSS**

BIKOREWE I KIGALI KUWA **30/10/2025**

**Me KARARA Emmanuel**
**Ushinzwe kugurisha ingwate**





## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**CYAMUNARA RWANDA LTD**
Tin : 111531653 / Tel : 0787334130 / NYARUGENGE-KIGALI
www.cyamunararwanda.rw / Email : cyamunararwanda@gmail.com

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'IMODOKA ZA CARS IN AFRICA**

**CYAMUNARA RWANDA Ltd,**sosiyete ya mbere mu Rwanda mu kugurisha hakoreshejwe ipiganwa ry'ibiciro "**CYAMUNARA**"imitungo yimukanwa n'itimukanwa y'ibigo bya Leta,imiryango idaharanira inyungu,amasosiyete y'ubucuruzi n'abantu ku giti cyabo,ibiherewe uburenganzira na sosiyete **CARS IN AFRICA Limited,** iramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko ku wa kabiri taliki **18/11/2025** saa tanu z'amanywa **(11h00")** izagurisha mu cyamunara imitungo ikurikira:

| Lot № | VEHICLE TYPE | PLATE № | YEAR OF MANUFACTURE |
|---|---|---|---|
| 1 | TOYOTA RAV4 | RAG 661 Y | 2014 |
| 2 | HYUNDAI SANTAFE | RAF 147 Z | 2018 |

Gusura iyo mitungo bikorwa buri munsi mu masaha y'akazi aho aherereye mu kigo ALARM BUSINESS CENTER I Kagugu imbere yo kwa Padiri.

**CYAMUNARA RWANDA IRIBUTSA ABAZITABIRA CYAMUNARA IBIKURIKIRA:**

- ✓ Cyamunara izabera mu ruhame hakoreshwa gupiganisha ibiciro mu magambo.
- ✓ Uwitabiriye cyamunara asabwa kwishyura cash amafaranga **5,000RWF** adasubizwa yo kwiyandikisha ku rutonde rw'abemerewe gupiganwa.
- ✓ Uwifuza kugura muri iyi cyamunara asabwa kwishyura cash ingwate y'ipiganwa ya Miliyoni ebyiri (**2,000,000RWF**) aherwaho mukwishyura.
- ✓ Uguze umutungo asabwa kwishura 30% y'agaciro yatsindiyeho ako kanya no kwishyura 70% asigaye bitarenze iminsi ibiri ikurikira umunsi wa cyamunara.
- ✓ Utsindiye umutungo ntiyishyure ikiguzi cyose, ingwate ye irafatirwa ikazakoreshwa mu gutegura cyamunara yawo kandi agatakaza uburenganzira kuri uwo mitungo ugasubira ku isoko
- ✓ Ingwate y'ipiganwa isubizwa ako kanya cyamunara irangiye kubataguze

Ukeneye ibindi bisobanuro Abariza kuri **Tel: 0787334130/0788822147**
Amafoto y'ibigurishwa n'izindi cyamunara urabisanga kuri www.amatangazo.com

**Bikorewe i Kigali, kuwa 12/11/2025**

**NDEREYIMANA Mathias**
**Umuyobozi Mukuru**
**CYAMUNARA RWANDA Ltd**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**CYAMUNARA RWANDA LTD**
Tin : 111531653 / Tel : 0787334130 / NYARUGENGE-KIGALI
www.cyamunararwanda.rw / Email : cyamunararwanda@gmail.com

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'IMITUNGO YIMUKANWA YA RWANDA ULTIMATE GOLF COURSES(RUGC).**

**CYAMUNARA RWANDA Ltd,**sosiyete ya mbere mu Rwanda mu kugurisha hakoreshejwe ipiganwa ry'ibiciro "**CYAMUNARA**"imitungo yimukanwa n'itimukanwa y'ibigo bya Leta,imiryango idaharanira inyungu,amasosiyete y'ubucuruzi n'abantu ku giti cyabo,ibiherewe ububasha na sosiyete **RWANDA ULTIMATE GOLF COURSES** iramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko kuwa gatanu taliki **21/11/2025** saa tanu z'amanywa **(11h00'')** izagurisha mu cyamunara imitungo ikurikira:

**1.GENERATOR KVA 150 PERKINS**
**2.IMASHINI ZITANDUKANYE**
**3.IBIKORESHO BY'IGIKONI**
**4.AMAPINE**
**5.SCRAP Z'IBYUMA**

Gusura iyo mitungo bikorwa buri munsi mu masaha y'akazi aho iherereye mu mujyi wa Kigali mu kigo **RWANDA ULTIMATE GOLF COURSES** i NYARUTARAMA ari naho cyamuanara izabera.

**CYAMUNARA RWANDA IRIBUTSA ABAZITABIRA CYAMUNARA IBIKURIKIRA:**

- ✓ Cyamunara izabera mu ruhame hakoreshwa gupiganisha ibiciro mu magambo.
- ✓ Uwitabiriye cyamunara asabwa kwishyura **RWF 5000** yo kwiyandikisha.
- ✓ Uwifuza kugura muri iyi cyamunara asabwa kwishyura cash ingwate y'ipiganwa ya Miliyoni imwe (**1,000,000RWF**) aherwaho mukwishyura.
- ✓ Uguze ikinyabiziga asabwa kwishyura100% y'ikiguzi uwo munsi wa cyamunara.
- ✓ Utsindiye imitungo ntiyishyure ikiguzi cyose ingwate ye irafatirwa(ntisubizwa) kandi agatakaza uburenganzira kuri uwo mutungo ugasubizwa ku isoko.
- ✓ Uguze umutungo asabwa kuwutwara bitarenze uwo munsi atabyubahiriza agasabwa kwishyura amafaranga ibihumbi icumi (10,000 RWF) y'uburinzi buri munsi w'ubukererwe.
- ✓ Ingwate y'ipiganwa isubizwa ako kanya cyamunara irangiye kubataguze.

Ukeneye ibindi bisobanuro hamagara **0787334130 cg 0788822147**
Amafoto y'ibigurishwa n'izindi cyamunara dufite murabisanga ku rubuga www.amatangazo.com.

**Bikorewe i Kigali, kuwa 12/11/2025**

**NDEREYIMANA Mathias**
**Umuyobozi Mukuru**
**CYAMUNARA RWANDA Ltd**

## ITANGAZO RYO KUMENYESHA

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'UBUJURIRE**

**ITEGEKO N°008/2025/CA RYA PEREZIDA RIHATIRA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI KUZA KUBURANA URUBANZA RWE.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'itanu, umunsi wa 07 w'ukwezi k'Ugushyingo;

Twebwe **RUKUNDAKUVUGA François Régis**, Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire, dufashijwe na **UWANTEGE Yvette**, Umwanditsi Mukuru muri urwo Rukiko ;

Tumaze kubona ko iburanisha ry'urubanza **N° RS/INJUST/RP/ECON 00001/2024/CA**, haburana **Ubushinjacyaha na NDAGIJIMANA Emmanuel** ryari riteganyijwe ku wa **06/11/2025** ryimuriwe ku wa **09/01/2026 saa tatu n'igice (9H30)**;

Tumaze kubona ko **NDAGIJIMANA Emmanuel** atakiboneka mu Mudugudu Karisimbi, Akagari ka Cyivugiza, Umurenge wa Nyamirambo, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali., aho yabarizwaga mu Rwanda;

Dushingiye ku ngingo ya 102 n'iya 103, z'Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

Dutegetse ko ihamagara rya **NDAGIJIMANA Emmanuel**, rimanikwa ku Rukiko rw'Ubujurire ahagenewe kumanikwa amatangazo. Rizamanikwa kandi ku byicaro by'Inkiko zisumbuye zose z'u Rwanda mu gihe cy'amezi abiri (2);

Kopi y'iri hamagara azayisanga mu bwanditsi bw'Urukiko rw'Ubujurire.

Iri Tegeko ritangajwe mu kinyamakuru : **IMVAHO NSHYA**

Bikorewe mu biro byacu ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**RUKUNDAKUVUGA François Régis**
**Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire**

**UWANTEGE Yvette**
**Umwanditsi Mukuru**

## ITANGAZO RYO KUMENYESHA

spark • ignites ambition

**STICHTING SPARK**
Registered Office: Haarlemmer Houttuinen 15H | 1013 GL Amsterdam

**Subject: Notification of Closure of SPARK Rwanda**

### PRESS RELEASE

**SPARK Announces Forthcoming Closure of Its Operations in Rwanda**

**Kigali, Rwanda — 12 November 2025**

Stichting SPARK, a Dutch non-governmental organisation committed to promoting entrepreneurship, youth employability, and job creation, announces the forthcoming closure of its operations as SPARK Rwanda.

Since establishing its presence in Rwanda, SPARK has successfully implemented various programmes supporting youth, women, and small businesses — strengthening local entrepreneurship ecosystems and contributing to sustainable employment opportunities. Through partnerships with government institutions, educational centres, and private sector actors, SPARK Rwanda has supported the growth of local enterprises and empowered young Rwandans with the skills and opportunities to thrive in the labour market.

As SPARK Rwanda no longer has active programmes in the country, it has been decided to conclude its activities and proceed with the formal closure of SPARK Rwanda, in full compliance with Rwandan laws and regulations.

SPARK expresses its sincere gratitude to the Government of Rwanda, its partners, beneficiaries, and all stakeholders for their valuable collaboration and support throughout the organization's years of work in the country.

For further information, please contact:
spark@spark-online.org

www.spark.ngo

**Issued by:** SPARK Rwanda
**Date:** 12th November, 2025
**Kigali, Rwanda**

Haarlemmer Houttuinen 15H | 1013 GL Amsterdam spark.ngo

# Yaseberejwe ku rubyiniro bimuhesha ibihumbi 500 Frw by'igishoro



Madamu wa Richard Nick Ngendahayo yahise aha Kadudu amafaranga y'u Rwanda 500 000 y'igishoro



Richard ari kumwe n'umugore we

MUTETERAZINA Shifah

***Umunyarwenya Kaduhire uzwi nka Kadudu yasekewe n'amahirwe nyuma yo kugirira ibihe bikomeye agaseberezwa ku rubyiniro ahabwa igishoro cy'ibihumbi 500 by'Amafaranga y'u Rwanda n'umuramyi Richard Nick Ngendahayo.***

Ni ibyabaye nyuma y'uko uyu munyarwenya yari avuye ku rubyiniro mu gitaramo cy'urwenya cyabaye mu ijoro ry'itariki 13 Ugushyingo 2025, ateye urwenya rw'uko yaganiriye n'umukobwa yabonaga ko afite uburanga n'imiterere myiza ariko agasanga ku bumenyi bw'Igihugu ntacyo azi.

Yagize ati: "Namubajije nti u Rwanda rufite Uturere tungahe, aransubiza ati ni tune (4). Ndavuga nti Imana ntiyaguha byose."

Muri ako kanya umuntu avugira mu bari bitabiriye icyo gitaramo ati: "Wowe ho yakwimye byose."

Kadudu yahise amusubiza ababaye ati: "Urankomerekeje ariko" ahita ava ku rubyiniro ababaye ajya kwicara igihe yari yahawe kitarangiye.

Ubwo hari hagezweho agace ka Meet me to night aho Richard Nick Ngendahayo yari we mutumirwa yakiriwe akigera imbere abaza niba uwo munyarwenya yagaruka ku rubyiniro araza.

Kadudu akihagera Ngendahayo wakunzwe mu ndirimbo zirimo Si umuhemu yahagurutse yicaza Kadudu mu ntebe yari yicayemo aramubaza.

Ati: "Uzi ko mu bantu Imana yaremye beza cyane ku Isi urimo? Urabizi?"

Akomeza amubaza ati: "Umuntu aguhaye igishoro ibihumbi 500 wakora iki?"

Kadudu yamusubije ko yumva yacuruza ibintu abantu barya ku buryo n'uwifuza ibya make yabibona.

Ngendahayo ati: "Nayaguhaye, uhite ujya kureba madamu wanjye aho yicaye ahite ayaguha urayatahana."

Uyu mukobwa wasaga nkaho yagize umugoroba mubi kuko yaseberejwe ku rubyiniro yahise asabwa n'amarangamutima amanuka arira amarira y'ibyishimo.

Aganira n'itangazamakuru Kadudu yahamije ko amafaranga yamaze kuyabona kandi ko bimweretse ko Imana isubiriza igihe.

Ati: "Namaze kuyakira, nabyakiriye neza, binyeretse ko Imana isubiriza igihe. Ngiye kongera gukora ubucuruzi bw'ibiribwa n'ibinyobwa nk'uko nabyifuzaga."

Uretse amafaranga y'igishoro Kadudu yahawe na Richard Nick Ngendahayo yanamuhaye itike yo kuzinjiriraho mu gitaramo ya VVIP.

Umuramyi Richard Nick Ngendahayo ateganya gutaramira Abanyarwanda mu gitaramo yise 'Niwe Healing Concert' kizaba tariki 29 Ugushyingo 2025 muri Bk Arena, nyuma y'imyaka 17 yari amaze atagera mu Rwanda.




Umuramyi Richard yari umutumirwa mu gitaramo cy'urwenya GEN Z Comedy Show mu gace kacyo kazwi nka Meet me tonight





# Handball: U Rwanda mu itsinda rya Algeria na Nigeria mu Gikombe cya Afurika

SHEMA Ivan

***Ikipe y'u Rwanda ya Handball y'abagabo yisanze mu itsinda rya mbere hamwe na Algeria, Nigeria na Zambia mu Gikombe cya Afurika, giteganyijwe kuzabera i Kigali hagati y'itariki ya 21 kugeza ku ya 31 Mutarama 2026.***

Iyi tombola igaragaza uko ibihugu 16 bizakina iri rushanwa, bigabanyije mu matsinda 4 yabereye muri Stade Amahoro ku wa Gatanu, tariki ya 14 Ugushyingo 2025.

Iki gikombe cya Afurika kigiye gukinwa ku nshuro yacyo ya 27 kizitabirwa n'amakipe 16 arimo u Rwanda, Misiri, Algeria, Cape Verde, GuInea, Maroc, Angola, Nigeria, Cameroun, Gabon, Congo Brazzaville, Benin, Kenya, Zambia na Uganda.

U Rwanda rugiye gukina iri rushanwa ku nshuro ya kabiri nyuma ya 2024 mu Misiri rwashyizwe mu Itsinda rya mbere 'A' hamwe na Algeria, Nigeria na Zambia. Itsinda rya kabiri ririmo Misiri ifite igikombe giheruka, Angola, Gabon na Uganda.

Itsinda rya gatatu ririmo Tunisia, Guinea, Cameroun na Kenya mu gihe itsinda rya kane ririmo Cape Verde, Maroc, Congo Brazzaville na Benin.

Umukino wa mbere u Rwanda ruzakina, ari na wo ufungura irushanwa, ruzawuhuriramo na Zambia tariki ya 21 Mutarama 2026.

Si ubwa mbere mu Rwanda hagiye kubera irushanwa nyafurika rikomeye muri uyu mukino kuko habereye irushanwa ry'Igikombe cya Afurika cy'abatarengeje imyaka 20 ndetse n'icy'abatarengeje 18 mu 2022.



U Rwanda rwisanze mu Itsinda rimwe na Algeria, Nigeria na Zambia mu Gikombe cya Afurika cya Handball kizabera i Kigali




Igikombe kizahatanirwa ku nshuro ya 27

# U Rwanda rwatangiye CECAFA U17 rutsindwa na Ethiopia

SHEMA Ivan

***Ikipe y'Igihugu y'u Rwanda 'Amavubi' y'abatarengeje imyaka 17 yatangiye nabi irushanwa rya CECAFA itsindwa n'iya Ethiopia ibitego 2-0.***

Uyu mukino wa mbere mu ya CECAFA U-17 wabaye ku wa Gatandatu, tariki 15 Ugushyingo 2025 i Addis Ababa muri Ethiopia.

Ethiopia yari mu rugo yatangiye umukino isatira izamu ndetse ibona koruneri ebyiri zikurikiranya ariko ubwugarizi bw'u Rwanda bukomeza guhagara neza.

Ku munota wa 31 Ethiopia yafunguye izamu igitego cyatsinzwe na Dawit Kasaw nyuma y'akazi gakomeye kakozwe na Huzeyfa Shafi wari umaze kunyura mu bwugarizi bw'u Rwanda.

Ethiopia yarushaga cyane Amavubi yabonye igitego cya kabiri ku mupira wahinduwe uvuye ku ruhande rw'ibumoso bw'Umunyezamu usanga Huzeyfa ahagaze neza ahita atera ishoti rikomeye mu izamu.

Mbere y'uko igice cya mbere kirangira umusifuzi wa kane yongeyeho iminota ibiri y'inyongera.

Ku munota wa 45+2' Amavubi y'u Rwanda yabonye uburyo bwa mbere ku mupira wazamukanywe uhabwa Mugunga Daniel ateye ishoti rikomeye ujya hejuru y'izamu.

Igice cya mbere cyarangiye Ethiopia yatsinze u Rwanda ibitego 2-0.

Mu igice cya kabiri, Amavubi yatangiranye impinduka Jayden Shema Heylen na Bagabo Enzo, ashyiramo Iradukunda Patrick na Nshimiyimana Olivier.

Izi mpinduka zatumye u Rwanda rugerageza gukina, nyuma hongerwamo na Kwihangana Elyse wasimbuye Mugiraneza Bizimana Didier, ariko u Rwanda runanirwa kureba mu izamu.

Umukino warangiye u Rwanda rutsinzwe na Ethiopia ibitego 2-0 rutangira nabi muri CECAFA U17.

Iyi kipe izasubira mu kibuga ku wa Gatanu, tariki 21 Ugushyingo 2025 ikina na Kenya.



Mugiraneza Bizimana Didier agerageza gusiga Dinkneh wa Ethiopia

Imvaho Nshya
# Siporo

NO .E-39 TARIKI 11 - 17 UGUSHYINGO 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw



## Basketball: APR WBBC yatsinze REG WBBC yegukana igikombe cya zone 5

SHEMA Ivan

***APR WBBC yatsinze REG WBBC amanota 82-71 yegukana igikombe cy'imikino y'Akarere ka gatanu ku nshuro ya mbere mu mateka.***

Uyu mukino w'ishiraniro hagati y'impande zombi wabaye kuri uyu wa Gatandatu, tariki 15 Ugushyingo 2025 i Nairobi muri Kenya aho iri rushanwa ryari rimaze icyumweru rikinwa.

APR WBBC yatangiye neza umukino abarimo Destiney Promise Philoxy na Yacine Diop batsinda amanota. Agace ka mbere iyi kipe iyoboye n'amanota 22-12.

REG WBBC yagarukanye imbaraga nyinshi mu gace ka kabiri itangira kugabanya ikinyuranyo ibifashijwemo na Faustine Mwizerwa, Kadidia Maiga batsindaga cyane ndetse hasigaramo amanota abiri y'ikinyuranyo (28-26).

Habura iminota ibiri, APR WBBC yongereye ikinyuranyo ibifashijwemo na Lucas na Assouma Uwizeye bituma isoza igice cya mbere ikomeje kuyobora umukino n'amanota 40-28.




**APR WBBC yegukanye igikombe cy'imikino y'Akarere ka gatanu bwa mbere mu mateka**

Mu gace ka gatatu, REG WBBC yongeye kugarukana imbaraga nyinshi itangira kugabanya ikinyuranyo abarimo Kristina King na Byukusenge Gloriose bakorera mu ngata Kayana ndetse kiba (47-44).

Habura amasegonda atanu gusa Kamba Diakite yatsinze amanota abiri kuri Lance bituma APR WBBC isoza aka gace ka gatatu ikomeje kuyobora umukino n'amanota 59-57.

Mu gace ka nyuma, ikipe y'ingabo yongereye ikinyuranyo ibifashijwemo na Italee Lucas, Assouma Uwizeye na Kamba Yoro watsindaga amanota menshi cyane.

Umukino warangiye APR WBBC yatsinze REG WBBC amanota 82-71, yegukana igikombe cya Zone 5 ku nshuro ya mbere mu mateka.

Uretse gutwara igikombe, APR WBBC yahagaritse urugendo rw'imikino 10 yari imaze itsindwa na REG WBBC mu marushanwa yose.

Amakipe yombi azahagararira u Rwanda mu mikino nyafurika ya "Africa Women Basketball League' izahuza amakipe 10 yo hirya no hino kuri uyu mugabane, izabera i Cairo mu Misiri guhera tariki ya 5 kugeza ku ya 15 Ukuboza 2025.

## Amagare: Shema na Ingabire begukanye Shampiyona y'Igihugu y'abato 2025



**Shema Emmanuel na Ingabire Divine begukanye Shampiyona y'Igihugu y'Amagare y'abakinnyi bakiri bato bari munsi y'imyaka 17**

SHEMA Ivan

***Shema Emmanuel na Ingabire Divine bakinira Les Amis Sportifs, begukanye Shampiyona y'Igihugu y'Amagare yakinwe n'abakinnyi bakiri bato bari munsi y'imyaka 17, ku Cyumweru tariki ya 16 Ugushyingo 2025 mu Karere ka Rwamagana.***

Ni ku nshuro ya gatatu Ishyirahamwe ry'Umukino w'Amagare mu Rwanda (FERWACY) ryari riteguye iyi Shampiyona yitabirwa n'abana basanzwe bakina amarushanwa ya Youth Racing Cup aho yahujwe mu byiciro bitanu by'abari munsi y'imyaka 19.

Ku Cyumweru i Rwamagana, Emmanuel Shema wa Les Amis Sportifs yabaye uwa mbere mu bahungu batarengeje imyaka 17 nyuma yo kuzenguruka inshuro 20 intera ya kilometero 1,4 akoresheje iminota 44, n'amasegonda arindwi n'ibice 63.

Yakurikiwe na bagenzi be bakinana barimo issa Gisubizo na Faud Mukwende.

Mu bakobwa, hatsinze Ingabire Divin wa Les Amis Sportifs wakoresheje iminota 44 n'amasegonda 12 nyuma yo kuzenguruka inshuro 18, ahigika Cynthia Ishimwe na Violete Tuyizere.

Mu bakobwa batarengeje imyaka 15, hatsinze Liza Jehovaire wa Ndabaga Women Cycling Team, na Byiringiro Mubaraka wa ZIP Cycling Team mu bahungu.

Mu batarengeje imyaka 13 hatsinze Munyaneza Gentil wa Nyabihu Cycling Team na Mutoni Alice wa Ndabaga Cycling Team naho mu batarengeje imyaka 11 hatsinda Uwamahoro Françoise wa Ndabaga Women Cycling Team na Habumuremyi Nisemusa Lucky wa Sina Cycling Club.

Mu cyiciro cy'abatarengeje imyaka 19 bo bakinnye isiganwa risanzwe kuko bakina hamwe n'abakuru muri Shampiyona y'Igihugu.

Muri iki cyiciro, mu bahungu hatsinze Irakoze Fagasoni wa Kayonza Cycling Club wakoresheje iminota 54 n'amasegonda 48 nyuma yo kuzenguruka inshuro 24, ahigika Habimana Byiringiro wa Les Amis Sportifs na Mugabo Jules wa zip Cycling Academy.

Ni mu gihe mu bakobwa hatsinze Izabayo Immaculate wa Bugesera Cycling Team wahize abandi akoresheje iminota 56 n'amasegonda 26 nyuma yo kuzenguruka inshuro 21, akurikirwa na bagenzi be bakinana ari bo Uwizeyimana Uwase Ancille na Kelia Uwibambe.